# Guhagarara Mu Cyuho

Jeffersonville, Indiana, USA

23 Kanama 1963

1 Mwakoze cyane, mwene Data Neville.

Tugume duhagaze akanya gato, mu gihe twicisha bugufi kubwo kwinginga. Twunamishe umutwe, kandi niba hari icyifuzo kidasanzwe, mwaba mwifuza kukimenyekanisha muzamuye ikiganza? None, mugumane mu mutima wanyu ibyo bintu mwifuza kandi musabe Data wo mu Ijuru kugira ngo abitange.

2 Data uri mu Ijuru, tuje kuri Wowe ubu mu Izina ry'Umwami Yesu. Tuje twizeye ko ari mu isengesho tugomba kumenyesha ibintu twifuza. Kandi niba twizera ko duhabwa ibyo duzabye, ibyo tuzabihabwa. None, iryo sezerano ni iry'ukuri rwose. Iyi myaka yose, twabonye iri ngiri rihamirizwa, kandi tuzi ko ari iry'ukuri. Turifuza mbere na mbere kugushimira kubwo kuba wararinze ubugingo bwacu no kubwo kuba Watwemereye kongera kuba turi hamwe aha, duteraniye aha muri iri teraniro ry'Umwami.

Turagushimira kubw'iri torero, kubw'umushumba no kubw'ukuri guhebuje ryubatseho aha kandi rishyigikiye. Turagushimira kubwa buri muntu uhagaze mu Maso y'Imana. Kandi turagusaba ngo ube umunyembabazi kuri twe uyu munsi no kuduha ugusobanukirwa dukeneye, kugira ngo tukubere abagaragu b'umumaro ukomeye. Ni icyifuzo cy'umutima wacu cyo kugukorera dufite ukwicisha bugufi n'umutima ukiranuka, kugira ngo Ubashe gukura icyiza gihebuje mu buzima bwacu. Imigendere yacu ya buri munsi, ibashe kuba mu by'ukuri iri ku buryo Unyurwa n'ibintu tuzaba twakoze uwo munsi.

3 None, turasabira uyu munsi abarwayi bose n'abagowe bari aha mu Maso y'Imana, kubw'abari imbere y'ibicaniro byawe ahantu hose mu isi, kugira ngo Yehova ukomeye aze mu mbaraga Ye gukiza abarwayi bose n'imbabare. Izina rikomeye rya We rihimbazwe! Uhe umugisha muri iki gitondo buri banga ry'umutima ku byereke ibi byifuzo byo gusengerwa. Turakwinginga ubu, mu gihe Witegereza muri buri mutima kandi Ukabona abantu bagaragarishije ibiganza bya bo bizamuwe, Ubahe ibyo bifuza. Kandi Uduhe umugisha kubera ko dukomeje kukuramya, kandi igihe turi buve muri iyi nyubako muir iki gitondo kubwo gusubira iwacu, tube tubasha kuvuga, nk'abajyaga Emawusi, bavugaga, bati " Imitima yacu ntiyakaga muri twe, igihe Yavuganaga na twe mu nzira?" Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina. Mubasha kwicara.

4 Nifuzaga kuvuga ko ari byiza bihebuje kongera kuba aha muri iki gitondo muri iri teraniro ry'abantu, mu maso y'Umwami. Ibyo bimaze amezi make kuva igihe nagarukiye. Nifuzaga kuza kucyumweru gishize, ariko njyewe - ndatekereza ko bitari ubushake bw'Umwami. Ntabwo nzi cyane impamvu, njyewe … iki kibaya kigwa na bi ubuzima bwanjye. Iyo ngeze muri iki kibaya … umwuka w'aha umerera nabi. Kandi ngira uduheri hose kandi ntekereza ko utwo duheri duhita tijya mu gifu. Kandi nari ndwaye cyane, njyewe … ugutungurwa, guhinda igitengo, inkubi y'imbeho, kandi sinabashaga kuza, nubwo nabyutse kandi nkagerageza kwihata kubikora. Kandi ndi … Nziko njyewe - mfite … Iki kibaya ni kibi cyane ku miterere y'umubiri, kandi kigwa nabi umubiri kandi na none sinakagombye kuhaba.

5 None, twifuzaga kuvuga uko byagenze. Twagize ibihe byiza bihebuje mu murimo w'Umwami mu bice bitandukanye by'igihugu aho Yaduhamagariye gukora umurimo wacu. None, sinumvaga niteguye kuvuga muri iki gitondo ku kintu icyo ari cyo cyose cy'umwihariko, niba muby'ukuri mwene Data Neville atari yansabye kuvuga ku kintu runaka gifitanye isano no kuba ndi aha muri mwe. Kubw'ibyo njyewe … Mwene Data Neville igihe cyose yabaye umuntu mwiza mu bintu nk'ibyo, nk'uko tubizi twese. Kandi dukunda mwene Data Neville. None, nta munsi n'umwe ushira ntatekereje kuri we, kuri we n'umuryango we, ku muryango we n'abana be, kandi nkabasengera. Imana imuhe imbaraga zo gukomeza, zo gukurikira inzira. Nk'uko tubizi, igihe cyacu kirashira! Turi hafi cyane y'ejo hazaza, Uyu Mucyo w'umugoroba w'uyu munsi

6 Kandi njyewe … Umuryango wacu uri mu Burengerazuba. Twese tumeze neza. Niyongereyeho [hafi ibiro bitanu (5kg) - Umwanditsi] ariko natakaje [hafi ibiro bine (4kg) - Umwanditsi] ku ngarutse. Kandi Billy Paul yiyongereye hafi ibiro umunani (8kg). Rebeka, Sara na Yozefu bose biyongereye ibiro. Kubw'ibyo - kubw'ibyo … Sinajyaga gutinyuka kubivugira aha, murazi, kuko ngomba gusubira imuhira uhereye aho …?... Murabona? Kubw'ibyo, njyewe … Nyuma twagize ibihe byiza bihebuje, byiza bihebuje kandi turashimira ibyo cyane.

7 Twebwe … Natekereza ko byajyaga kuba bisa n'ibitanejeje kugaruka, ariko hari ikintu gikomeye - ku buryo bw'ingenzi ibintu bibiri twabuze kandi ntacyajyaga kubisimbura. Kimwe, mi inshuti zacu z'aha, ikindi, ni itorero. Aho tugiye aho ari ho hose, tubona inshuti, kandi turashimira kubw'inshuti zacu. Ariko hari muri izo nshuti izigumya kubabera abiringirwa mu bigeragezo byose munyuramo, ikintu runaka ku buryo utabasha kuzisimbuza. Icyo ari cyo cyose undi yabasha kuba cyo, ntawabasha gusimbura inshuti nk'iyo. Muby'ukuri muri inshuti z'amagara; muri zo. Kandi twese, hamwe, dutegereje Ukuza k'Umwami mu gihe iminsi ihita. Kandi ni ikintu gisa n'igikomeye kugerageza kwibwira ko mwazabasha … Ntimubasha gutandukana.

8 Ibyo binyibutsa igice cy'Ibyanditswe, ndizera, icyo Pawulo yanditse, kandi yavuze mu Bakorinto ko byaba ibintu biriho ubu, byaba ibintu bizaza, byaba imbaraga, byaba ubwambarabusa, byaba inzara, byaba kuba mu kaga, byaba n'ikiremwa na kimwe kiriho ubu, byaba ubuzima, byaba urupfu ntakibasha

kudutandukanya n'urukundo rw'Imana rwagaragariye muri Yesu Kristo. Ndetse n'urupfu ubwarwo ntiruzabasha na rimwe kudutandukanya, kubera ko twabaye umwe mu mitima yacu muri ubwo bumwe buhebuje bwa kivandimwe tugose Ijambo ry'Imana. Kandi ndetse n'urupfu ubwarwo ntiruzadutandukanya. Mu bihe byose no mu bisekuru byose, tuzaba turi umwe muri iryo teka rifite ikuzo.

9 Kandi rero, abana, igitondo kimwe … Birumvikana, tubasha, kujya ku itorero, ariko muzajya hose, ntabwo hari… Ntabwo ari ihema rito ry'ahantu runaka. Kandi hari ikintu runaka kuri ibyo. Njyewe - sincyumva na mba inzogera nto ya kera kandi … iranguru rira aho mu mpinga mu museke. Kandi, muri iki gihe, ndatekereza ko itavuga, kubera ko batigeze bashyiraho igiti cy'inzogera.

Nuko rero, hamwe, aha mu ihuriro ry'umuhanda wa Munani n'umuhanda Penn, aho, hashize imyaka mirongo itatu n'itatu, narapfukamye aha, mu gishanga cya kera, kubw'ubw'ubatsi bw'itorero rya njye rya mbere … Uburyo Umwami Yesu yakoranye na njye kuri ibyo! Kandi uyu munsi, ruhagaze aha nk'urusengero ruto, kandi ruhagaze aha nk'urusengero rw'amabuye na sima. Ariko mu buryo bwimbitse cyane bw'umutima wanjye, ni urusengero ruzamara igihe kirekire cyane kirenze uko nabasha kubyibwira.

Kandi ni... Kandi ikigize itorero, ntabwo ari inyubako, ni abantu bateranira munsi ya yo kubwo kuramya Imana. Turashimara kubw'ibyo bintu.

10 Kandi ubu, nibwiraga ko, birashoboka bitewe n'uko byari isaha cyangwa hafi, kandi tukaba tutagishigaje igihe kinini cyane, ngiye gusa n'ubamenyesha ibintu bimwe byabaye kandi na none, nzakora imfatamajwi nke igihe ndi aha, kuko nabasezeranije mwese, murabona, ko Ubutumwa bwose bushya (Ubutumwa bushyizwe ku mfatamajwi (bande)) buzajya butangirwa mbere na mbere kuri uru ruhimbi. Ni aha imfatamajwi (bande) zose zikorerwa, ntabwo ari hanze. None, mwene Data Jim n'abandi bazacuruza izi mfatamajwi (bande) mu materaniro n'ibindi byose. Ariko hari … Igihe cyose ni ingingo iba yaravuzweho aha mbere na mbere. Murabona? Mugenzure ibyo ahantu hose, muzarebe. Ni isezerano nagiranye na mwe, kandi ibyo bizakomeza bityo kugeza igihe Umwami ahinduriye ibyo.

11 Kandi ndatekereza ko abaguzi b'imfatamajwi zacu, abo, mu isi yose, … Ubutumwa buturuka aha bukazenguruka umubumbe w'isi. Murabona? Buragenda bukagera mu nzitane z'amashyamba n'ahantu hose, tubikesha ugufata Ubutumwa ku mfatamajwi (bande). Kandi, burasobanurwa mu bapagani no mu ndimi nyinshi zinyuranye. Niyo mpamvu, igihe ndi aha, nifuza, niba Umwami abishatse, gukora imfatamajwi (bande) nkeya nshyashya. Kandi birashoboka, niba uyu mugoroba, Umushumba adafite ikintu runaka cyaka ku mutima, none, nifuzaga bishobotse, gukora imfatamajwi (bande) imwe kuri uyu mugoroba.

12 Hanyuma, nzajya muri Arkansas ejo kandi … ahubwo kuwa kabiri, kubwo gufasha, mu gitero gito kizabera aho hamwe na "Fraternité international des chrétiens. Ndatekereza. Ndatekereza … Cyangwa ahubwo, birashoboka ko navuze nabi ibyo. Ni ikintu runaka gifitanye isano na "La fraternité internationale des chrétiens … Ntabwo rwose mbizi neza. Birambabaje. Biteye ubwoba, siko biri ? (Urakoze mugenzi wanjye.) Association fraternelle des chrétiens. » Kandi nakagomye kunda nkageza ku iherezo … Uhereye uyu munsi kucyumweru kugeza ku iherezo. Ariko nakomeje uyu munsi kuba mu ihema, kuba aha. Hanyuma, ndi … hanyuma, nzajyayo kuwa gatanu … (Ese… mugenzi wanye ? Ni …) Ni kuwa gatani hazasozwa urukurikirane rw'amateraniro aho. Kandi nzagomba kugaruka kuwa gatandatu nimugoroba kugira ngo mbe ndi aha kucyumweru mu gitondo, Umwami nabishaka, kubwo gukora indi mfatamajwi (bande) kandi inshuro nyinshi, birashoboka uko bizakomeza kugenda nzajya nkora imfatamajwi (bandes) nkeya mbere y'ukugenda kwacu.

13 None, mfite ubwira muby'ukuri bwo kujya i Baton Rouge, muri Louisiane, kubw'icyo giterane. Kandi hanyuma - kandi hanyuma ngaruke. None, ngomba kujya uko byagenda kose Anchorage, murabona, kandi - kandi mvuye Fairbanks na Anchorage, kubw'ayo makoraniro ya « Hammes d'Affaires chrétiens du plein Evangile », kandi hanyuma nzagaruka, kandi niba Umwami abishatse, nzajya i Chicago icyumweru cya nyuma cya Nyakanga.

Na none, ndatekereza ko hafi y'icyo gihe, nzagomba gusubiza abana muri Arizona nihuse kubwo kuba mu … kubwo kubashyira ku ishuri, aho ngaho. Kubw'ibyo, Charlie, ngomba kuba ndi aha mu matariki 15 Kanama. Kubw'ibyo, njyewe - nifuzaga kuba nagarutse icyo gihe, - Umwami nabishaka, i Kentucky. Buri wese araseka ! Birashoboka ko bamwe mu baje bashya badasobanukiwe icyo ibyo bisobanura. Kandi nizeye, kubwo kuvuga ntyo, ko ibyo nta kibi biteye kubivugira aha ku ruhimbi, ariko ni icyo gihe igihe cy'inkima gitangira. Kubw'ibyo, Mama Cox, nshingiye kuri ibyo. Murabona ? Kubw'ibyo … Mu gihe cy'ibyumweru bike, aho kubw'ibiruhuko bya njye…

14 None, ndizera ko … Mfite aha ikintu runaka Billy yanyandikiye, udupapuro duto duke. Kamwe muri two karagira, kati « Papa, mwene Data Neville yifuzaga kumenya niba wabasha gushyira abana babiri mu biganza by'Imana. » Ni byo rwose! Byaba ari byiza cyane. None, ni byo, dufite … gahunda yo gushyira abana mu maboko y'Imana iyo u- … Tubasha rwose na none kubikora nonaha. Kandi na none, ndatekereza ko turibufate ho gake iminota miriongo ine n'itanu iri bukurikireho cyangwa ikintu runaka nk'icyo, kubwo kubamenyesha ibintu bimwe byabaye.

None, umugabane munini w'abantu n'uw'amatorero, bitewe n'uko igihe njyewe … ibyo, ni ihema rifite imiryango ihora ikinguye. Ntiryigeze na rimwe riba idini, kandi Imana iririnde kuzahinduka ryo umunsi umwe. Kubw'ibyo, turifuza ko haba ahantu, aho tudafite - irindi tegeko usibye urukundo, nta yindi nyigisho yo kwizerwa usibye Kristo, nta kindi gikoresho cyo kwifashisha usibye Bibiliya. Kandi na none, ntidufite ukuyobokwa, turasaba bamwe n'abandi, hamwe na buri wese, amadini yose. Bose tubaha ikaze, kandi dufite … kandi dusabanira ku Ijambo ry'Imana, aho buri wese abasha kumva uko bishobotse ahawe ikaze. Ihame ryacu, ni ugukunda rwose Umwami Yesu. Kandi - aha ntabwo turi itsinda ry'intiti. Turi gusa abantu basanzwe bagerageza gusa gusoma Bibiliya, no kutayiha indi nsobanuro n'imwe usibye icyo Ivuga. Rwose …

15 Nizera ko umunsi umwe Imana izacira urubanza isi ikoresheje Bibiliya. Niba abantu ari … Izacira urubanza isi. Kandi niba hatariho icyo guheraho kugira ngo Ibacire urubanza, ni buryo ki abantu bazamenya icyo bagomba gukora ? Murabona ? Byakabaye ari uko Imana… Ntawabasha gushyira ugukiranirwa ku Mana. Kandi Imana igomba kugira ikintu runaka nk'icyitegererezo ari cyo Igomba guheraho Icira urubanza abantu. Ni yo mpamvu, niba Iciye urubanza Ishingiye kuri kiliziya gatorika y'i Roma, icyo gihe kiliziya y'Abagiriki (L'Eglise catholique orthodoxe) kandi benshi muri yo baba ntagushidikanya barimbutse, kimwe n'igice gisigaye cy'isi. Niba Iyiciriye urubanza ikoresheje kiliziya gatorika Orutodogisi (Orthodox) y'Abagiriki kandi atari kiliziya y'Abaroma kimwe n'ayandi yose yaba arimbutse. Niba iyiciriye urubanza ikoresheje Itorero ry'Abaluteriyani (Eglise Lutherienne), icyo gihe Abapuresipiteriyene ( les presbytériens) baba barimbitse. Niba Iyiciriye urubanza Ishingiye ku Baluteriyani (Lutheriennes) n'Ababatisita (les baptistes ) baba barimbutse. Murabona ? Kubw'ibyo, niba Iyiciriye urubanza Ishingiye ku Bapantekote, icyo gihe bose, usibye Abapantekote, baba barimbutse.

16 Ariko, nshingiye ku gitekerezo cya njye, ntabwo Izayicira urubanza ishingiye ku itorero iryo ari ryo ryose, kubera ko hari ukunyuranya kwinshi n'urwjiji. Ariko Izabacira urubanza… Bibiliya ivuga ko Izacira urubanza isi yose Ikoresheje Yesu Kristo. None, ni Ibihura n'Ibyanditswe Byera. None… Kandi Bibiliya iravuga, iti "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Nuko Jambo yahoranye n'Imana, Kandi Jambo yari Imana. Nuko Jambo yahindutse umuntu kandi atura muri twe, uko Yari ari ejo, uyu munsi niko ari kandi niko Azahoraho iteka ryose." Rero ni Ijambo. Kandi ibi, ni Kristo mu ishusho y'inyandiko. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe ( Apocalypse), ku Banyagatolika, ni igitabo cyo Guhishurwa (Révelation) ku Baporotesitanti, mu gice cya 22, ku iherezo ry'Igitabo, Yesu yaravuze We ubwe, ati " Niba umuntu akuye Ijambo rimwe ry'iki Gitabo cyangwa akacyongeramo Ijambo rimwe, ni cyo kimwe … Umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Kubw'ibyo, njyewe … Impamvu ituma twizera ibyo, ni … Muvuge neza neza … Ntacyo… Ibasha gukora ibintu Itanditse aha, turabizi. Ariko igihe cyose tugumana icyo Yanditse, bizaba biri muri gahunda.

17 Kandi, none ibyerekeye gushyira abana mu biganza by'Umwami, Umugabane munini w'abantu, a - Abametodisite babacucagira amazi. Kandi - ndatekereza ko muri kiliziya gatorika cyangwa Itorero ry'Abaluteriyani (Lutheriennes), bajya ku meza yabo y'Umwami bafite hafi imyaka cumi n'ibiri, kimwe n'ikintu cya - cya gahunda y'umubatizo, aho, ndatekereza, bacucagira amazi abana b'impinja bakivuka. Kandi - na none ndanatekereza ko ari umubatizo w'abana bato watandukanije aba "Nazaréens" n'Abametodisite "Méthodistes", rwose bimaze imyaka myinshi. Ndatekereza rwose ko ari ibyo, Mwene Data Brown. Njyewe - ntekereza ko ari cyo gitandukanya Itorero Metodisite (Méthodiste) n'Itorero (Nazaréenne), kubera ko Aba "Nazaréens" batemeraga umubatizo w'abana bato. Ariko kuri twebwe, aha mu ihema, niba tugomba guhagarara ku cyo Bibiliya ivuga … Nta gice na kimwe gihari cya Bibiliya aho umuntu yaba yaracucagiwe amazi (tutavuze abana) rwose nta n'umuntu ukuze. Ariko abantu … Bibiliya ivuga (icyanditswe kimwe rukumbi muri Bibiliya yacu ku byerekeye abana) ko bazanira abana bato Yesu. Kandi We … kugira ngo Abarambikeho ibiganza maze Abahe umugisha. Kandi Yaravuze, ati "Mureke abana bato bansange, kandi ntimubabuze; kuko Ubwami bw'Ijuru ari ubw'abameze nka bo."

18 None, kubw'ibyo, tuzi ko ibiganza byacu, ibyanjye, iby'umushumba cyangwa iby'umushumba wundi uwo ari we wese ni ibiganza rwose bitindahaye byo kubababrirwa kubwo gufata umwanya w'ibiganza by'Umwami Yesu. Kandi iyaba Yari ari aha muri iki gitondo, ni kuri Kristo aba babyeyi bajyaga kuzana abana ba bo. Ariko kuko turi aha kubwo kumuhagararira, kubera ko tumuhagarariye, ni twebwe babazanira. Kandi tubashyira mu biganza by'Umwami tubarambikaho ibiganza, mu kubahiriza twibuka Ijambo Rye ry'ikuzo n'igikorwa Cye. Rero, ni kubw'ibyo dushyira abana bato mu biganza by'Umwami.

Natekerezaga bishobotse ko niba hari umumama aha ufite umwana utarashyirwa mu biganza by'Umwami, yabasha kuza muri aka kanya aba bamama cyangwa aba bapapa bagiye gushyira abana babo mu biganza by'Umwami. Tubazana rwose aha kandi tukabereka Imana nuko tukabasengera kandi tukabwira Umwami ko tubarambitseho ibiganza byacu nk'ibihagarariye ibiganza Bye bwite. Kandi kugeza ubu, ni cyo nabonye cyaba kiri bugufi cyane y'Ibyanditswe kuri iyi ngingo. None, muzabasha gufata igikoresho cyanyu mwifashisha maze murebe icyo itsinda ry'abantu ryavuze, ariko njyewe ndavuga icyo Ijambo ryavuze. Murabona? Kandi nizeye kuba nasobanuye neza, ku buryo bugaragara neza ibyo ari byo.

19 None, niba umucuranzi wa piyano (Ese ni mwebwe mucuranga piyano, mwene Data?) yifuza rwose kuza aha. Ntibiteye ubwoba kugomba kubaza mu itorero rya njye bwite umucuranzi wa piyano uwo ari

we? (Nagombaga hafi gukomanga ku rugi!) Ni byiza! Turirimbe aka karirimbo gato cyangwa, bagacurange:

Bazane, bazane,

Zana abana kuri Yesu.

Duhaguruke rero igihe iteraniro rikarimba. Kandi abapapa n'abamama bazane abana nibaze bahagarare aha noneho. Ni byiza cyane.

Bazane, bazane,

Zana abana kuri Yesu.

20 None, umushumba yajyaga kubasha … None, dufite akana gato - inshuti y'akana gato aha gasinziriye, kandi rimwe na rimwe baravuga, bati "Amina." buhoro n'imbaraga. Dusobanukiwe rero ibyo; ni abana. Izina ryanyu ni irihe, mugenzi wa njye? William Henry Vincent. Kandi agakobwa kanyu gato? Christina Maria Vincent. Mbega agakobwa keza k'inshuti kiryamiye ku rutugu rwa papa wa ko! Mbasha kugafata? Christina, simbasha gusimbura papa wa We aha. Tubasha… mubasha kurambika ibiganza ku mwana? Twunamishe umutwe. Data wa twese uri mu Ijuru, twegereye Intebe ya We y'Ubwami uyu - uyu munsi, hejuru cyane, ukwizera kwacu kuratuzamura kukatugeza hejuru y'ukwezi, inyenyeri, hejuru cyane y'imibumbe igaragiye izuba kandi kukatwinjiza mu maso y'Ishobora byose. Tuzanye aka kana keza gato. Ntabwo tuzi icyo dufite mu maboko yacu, Mwami. Birashoboka ko yaba ari umuja wa We ukomeye mu gihe kizaza. Twizeye ko ari ko bimeze. Ariko se w'umwana yatuzaniye aka gakobwa, kugira ngo tubashe kukarambikaho ibiganza byacu, kubw'uko twahamije ko turi abagaragu ba We, kugira ngo dukore mu mwanya wa We kugeza aho Uzagarukira, kandi icyo gihe uzafata ibintu byose mu biganza. Kugeza icyo gihe, Mwami, tugomba kugukorera dufite ukwiringirwa n'umutima uboneye. Nuko ibiganza byacu birambitswe kuri aka gakobwa gato, tugahaye umugisha mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Kandi dufite icyizere ko Uzamuha ubuzima burambye, niba Yesu atinze, kandi azabashe kuba umuja wa We Ukomeye. Uhe umugisha umuryango azarererwamo. Azabashe kurerwa ahugutse ku birebana n'Umwami, kandi amukorere iminsi yose y'ubuzima bwe. Uhe umugisha ababyeyi be, babashe kubasha kubaho igihe gihagije kugira ngo babone uyu mwana ahindutse igikoresho gikoreshwa iby'icyubahiro kubw'Umwami kubera igikorwa cyabo uyu munsi. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Imana ibahe umugisha. Imana Ibahe umugisha, mugenzi wa njye. Izina rye ni? Ni umuvandimwe w'uyu nguyu; Teresa, sinzi rwose niba turi buze kumenya gufata Teresa cyangwa tut aribubimenye; sintekereza; abyiyiziho neza kurushaho. None, twunamishe umutwe. Data wo mu Ijuru, nk'uko turambitse ibiganza ku muvandimwe w'aka gakobwa gato kamaze gushyirwa mu biganza bya We, ababyeyi bifuje ko na we ashyirwa mu biganza bya We. Ubuntu bw'Umwami Yesu Kristo bube kuri uyu mwana ubu kandi Umuhe ubuzima burambye kandi Uhe umugisha umurimo wa We, mu Izina rya Yesu Kristo. Imana ibahe umugisha noneho; Ibahe umugisha mwese; muri ababyeyi bahiriwe hamwe n'utu twana tubiri twiza tw'inshuti.

21 Izina rye? Joel William Cartwright. Kandi, ndabona ko gahondobereye, muri iki gitondo. Ni byiza cyane. None, murifuza rwose - mwebwe mwese - uko muri babiri mubasha gusubira mu myanya ya nyu, ndabinginze, kandi mureke rero Yozefu wenyine yigire hafi aha. Ni byiza cyane, none, mubasha kumufata, niba mushatse …? Data wa twese uri mu Ijuru, tukuzaniye aka kana gato Joseph William Cortwright. Papa we ahagaze aha muri iki gitondo kubwo kumukugarurira, kubw'ubuzima bw'umuriro,icyo wamuhaye ukakimushinga. Oh! Mana, Uhe umugisha uyu mwana kandi azabashe kubaho igihe kirekire, afite ubuzima bwiza, afite imbaraga, kandi azahinduke umugaragu wa We. Uhe umugisha se, nyina ndetse n'umuryango azarererwamo. Kristo ubashe kuba igihe cyose uwo Mushyitsi utaboneshwa amaso. Kandi tuguhaye aka kana k'agahungu kubw'ubuzima bw'umurimo, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Imana Ibahe umugisha, mwene Data na mushiki wacu Cartwright.

22 Agakobwa gato? Izina rya ko? Sylivia Shippy. Data uri mu Ijuru, turambitse ibiganza kuri aka gakobwa gato nk'uko uyu mukundwa akazanye aha muri iki gitondo, imigisha yajyaga kuza kuri we, niba Umwami Yesu yari yarambitse ibiganza bye bwite by'inkovu z'imisumari kuri uyu mwana, imigisha ya We ibashe kuba kuri uyu mwana! Umuhe umugisha nonaha, kandi abashe kugira ubuzima burambye kandi bwuzuye umunezero no kuba umuja wa We. Kandi Uhe umugisha umuryango we, ababyeyi be n'inshuti ze; mu Izina rya Yesu Kristo, dushohoje iki gikorwa ku buryo buhura na Bibiliya. Amina.

Umugisha ube… Imana ibahe umugisha…

23 Azaba umuririmbyi? Izina rye ni irihe? Laura Ellen Myer. Navuze ko azaba umuririmbyi. Ibyo biranyibutsa … Ndibwira ko ibyo nta kibi byatera itorero, ariko umunsi umwe navuganaga n'Umuhinde wari uhagaze aho, afite umwana w'uruhinja, naramubwiye, nti "Ni umusore mwiza. Kandi ni umusore mwiza." Maze umutware aranyitegereza iminota mike, hanyuma yubika amaso nuko aravuga, ati "Nyamara We, ni umukobwa." [Iteraniro riraturika riraseka. - Umwanditsi] Ndatekereza ko ari icyo kimwe n'ibi. Izina rye ni irihe? Laura Ellen. Ellen, kandi izina ry'umuryango? Myers, Laura Ellen Myers. Ni akaremwa keza gato. Data uri mu Ijuru, nk'uko turambitse ibiganza kuri uyu mwana muto … Kandi muri Bibiliya, havuga ko bakuzanira abana bato kandi ko Uburambikaho ibiganza maze Ukabaha umugisha; kandi iki gikorwa

dusohoza mukuzirikana twibuka igikorwa cya We cy'ikuzo icyo wakoze uri ku isi. Uhe umugisha uyu mwana, ababyeyi be; umuryango wa bo ubashe kuba igihe cyose ahantu h'isengesho, ry'ukwizera. Kandi aka kana k'agakobwa kabashe kugira ubuzima buramye kandi bufite umunezero kandi kabe umuja wa We muri iyo minsi yose, kandi umuryango ntuzabasha na rimwe kuba … imburamumaro mu Ikuzo. Abawugize bose bazabashe kuba bateranye bagose intebe ikomeye y'Ubwami bw'Imana uwo munsi kandi bazajya kuba yo ibihe byose. Tugitegereje icyo gihe, Mwami, imigisha yawe ihoraho ibashe kuba kuri uyu mwana dusabiye umugisha, mu Izina rya Yesu. Amina. Imana Ibahe umugisha, mwene Data. Aka kana gato... murumuna we Rebaka. Data uri mu Ijuru, turambitse ibiganza kuri uyu mwana muto Rebeka kandi na none tumusabiye umugisha mu Izina ry'Umwami Yesu, rwose nk'aho yaba agiye mu mazi y'ikizenge cyogerwamo, kandi nizera, Mwami, ko umunsi uzagera aho azashyitsa ikigero aho azaba ari gatozi w'i bikorwa bye, aho azafata igihagararo kandi akazinjira aho mu kizenga cy'amazi kubwo kubatizwa kugira ngo ababarirwe ibyaha bye mu Izina ry'Umwami Yesu. Ubitange, Data. None,umuhe Umugisha kimwe na murumuna we. Abashe kugira ubuzima burambye kandi bufite umunezero ku murimo wa We. Amina. Imana Ibahe umugisha. Umwami abahe umugisha…?...

24 Izina? Akana gato Jackelyn Cunnard, akandi kana gato keza k'agakobwa. None, Data uri mu Ijuru, turambitse ibiganza kuri aka kana gato k'agakobwa tuzirikana mukwibuka Umwami w'Ikuzo Yesu Ubarambikaho ibiganza igihe Yabahaga umugisha; kandi imigisha ibasha kuza kuri uyu mwana nk'aho ibiganza bya We bwite byaba birambitswe kuri we uyu munsi. Iyo uza kuba uri aha ku isi mu mubiri w'inyama ufatika, umumama yajyaga kukuzanira uyu mwana, ariko kubera ko turi abaguhagarariye, rero yaje kuri twe mu mwanya wa kabiri, Data, kandi turagusaba ngo Uhe umugisha uyu mwana dusabira umugisha mu Izina rya Yesu Kristo. Abashe kugira ubuzima burambye kandi bufite umunezero no kuba umuja wa We. Uhe umugisha umuryango azarererwamo, hazabasha kuba igihe cyose inzu yo gusengerwamo, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

25 Mufite babiri, siko biri? Ni byiza cyane, none, uyu mwana w'umuhungu, ni? James David Hume. Nibwiraga ko nari mbazi, mushiki wacu Hume; muri ababwirizabutumwa mpuzamahanga, mwebwe n'umugabo wanyu. Umugabo wanyu muto ari kumwe na mwe muri iki gitondo ? None, Umwami ahe umugisha mwene Data Hume. None, mufite rwose abana bato beza cyane. Uyu ng'uyu , ni David, kandi uyu ng'uyu ni… Navuganye na mushiki wacu waturutse muri Floride mu biro, igihe twari turi aho … Uwo mwana w'umuhungu, rwose agahungu, Umwana rwose w'umuhungu, yinjiye mu …?...

[Igice kitafashwe ku mfatamajwi (bande) - Umwanditsi.]

26 Hashize imyaka 30, mpagaze ku irembo ry'ishuri aho … kuri Utica Pike, sinabashaga na rimwe kwibaza ko uwo mwana w'umuhungu, Umwana muto rwose w'umuhungu , uvuga make, ariwe twarebanaga mu maso, ko umunsi umwe najyaga kurambika ibiganza ku mwuzukuru we kandi ko najyaga kumushyira mu biganza by'Umwami Imana. Wakire akana gato John, muri iki gitondo, Mwami, nk'umugaragu wa We. Nyina na se bamuzanye ku buryo bw'ubutwari kugira ngo bagarurire Imana icyo bahawe kwitaho. Kandi babashe kugira ubuzima buzira umuze, ubuzima bwiza n'ubw'imbaraga, Ubuzima bwo gufata ingamba ihamye muri Kristo. None, tuguhaye uyu mwana w'umuhungu, mu Izina rya Yesu Kristo, kubw'ubuzima bw'umurimo. Azabashe kubaho ubuzima buramye no kugukorera. Amina. Umwana w'umukobwa yamaze gushyirwa mu biganza by'Umwami? Yitwa nde? Carla. Muri iki gitondo, turambitse na none ibiganza ku mwana Carla kandi tumushyize mu biganza by'Umwami kubw'umurimo wa Yesu Kristo. Imana imuhe umugisha. Azabashe kugira ubuzima buramye kandi bwuzuye umunezero. Azabashe kuba umuja wa We iminsi yose y'ubwo buzima. Ubitange, Mwami. Uhe umugisha umuryango we. Uyu ng'uyu ube igihe cyose ahantu ho gusengerwa n'ukwizera. Tuguhaye aka kana keza gato k'agakobwa muri iki gitondo, bivuye ku mutima wa se na nyina bahagaze kuri iki gicaniro gito. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

27 Umwana w'umuhungu, mundeke mfate ikiganza cye. Data uri mu Ijuru, umupapa w'aba bana bato afashe ku buryo bugaragara mu maboko ye ubutunzi buto bwa nyuma bwo wamuhaye mu ishusho y'umwana, yamuhaye izina rya se. Oh! Mana, utange ko yaba umugabo w'ubwenge nka Yakobo wo muri Bibiliya. Ndakwinginga ngo umuhe ubuzima buziras umuze kandi buramye, Mwami, kandi abashe gukura, niba hariho ejo hazaza, kandi atware Ijambo ry'Imana, Ubitange, Data. Mukuzirikana twibuka icyo Yesu Kristo, Umwami wacu, yakoze igihe yari ari ku isi, ndambitse ibiganza ku mwana James Poole, kandi mushyize mu biganza by'Umwami kubw'umurimo w'Imana. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Ni ryo zina rye …? … Umwana muto w'umuhungu…? …Buryo ki? Gary Dean …?... Mwami Mana, imigisha ya Yesu Kristo ibe ku mutwe w'uyu mwana muto w'umuhungu, Gary Dean Adams, nk'uko turambitseho ibiganza kandi tugushyize mu biganza ubu bugingo buto. Uhe umugisha umuryango we, ababyeyi be. Azabashe kubaho ubuzima buramye kandi bufite umunezero bw'umurimo kubw'Imana yacu n'Imana Ye, ari Yo tumuhaye nonaha, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

28 None, ndatekereza ko ari hafi - hafi ighe cyo gukora ibi. None, turi neza neza ku isaha, i saa tanu (11h). None, murazi, ndiyerekanye, mukubona, aba bapapa n'aba bamama bazanye aba bana bato b'impinja … Natekereje kuri Yozefu na Mariya, igitondo cyo gushyirwa mu biganza by'Imana k'Umwami Yesu.

Mwene Data Kidd, nari mfitanye ikiganiro gito n'umuntu mu biro bya njye; ariko njyewe - nafashe amarangamutima yanyu aha muri iki gitondo … nk'uko - nk'umuntu w'ikigero cya nyu … Kandi ndatekereza ko mwavugaga uburyo Umwami yabakijije uburwayi … abateze amatwi. Kandi igitondo kimwe, nabaye hafi yo kugurukisha imodoka ya njye nk'ibishashi kubwo gushyikira umuntu ukuze … Ni umukozi w'Imana ukuze.

29 Mubitekerezeho? Uwo muntu yari (umugore we muto arahari aha) … Yabwirizaga Ubutumwa bwiza mbere y'ivuka rya njye; yabwirizaga ubwo Butumwa bwiza mu misozi n'ibibaya bya Kentuky n'ibya Tennessee, aho abacukura amakara … Kandi birukanywe aho; babayeho ntacyo bafite cyo kurya. Kandi uyu mugore muto uri hano yakoraga umurimo wo kumesa ku rubaho rumesa ku masantimu hafi makumyabiri cyangwa mirongo itatu ku munsi, kugira ngo yohereze umugabo we mu murimo w'ivugabutumwa kubwiriza Ubutumwa bwiza. Muby'ukuri ni ikintu cyatangaza umuntu, siko biri?

Nuko rero, gutekereza ko yari arambaraye aho, mu gihe abaganga b'inzobere baravugaga, bati " Aripfiriye." Ni kanseri y'udusabo tw'intanga ngabo yakwirakwiriye. Aracyafite gusa amasaha make, umunsi umwe cyangwa ibiri rwose itarenga. Kandi hashize imyaka itatu ibyo bibaye. Bimaze imyaka itatu! Kandi dore ng'uyu muri iki gitondo afite ubuzima bwiza, ni muzima, ahimbaza Imana. Icyo gihe wari ufite imyaka ingahe igihe wakize, mwene Data Kidd? Wari ufite imyaka ingahe ugereranije, igihe Imana… Ufite imyaka ingahe? … afite ubu? Imyaka mirongo inani. Ni byiza cyane. Yari afite hafi imyaka mirongo inani igihe Imana yamukijije ! Rero, Imana yita kuri twe bandi, abantu bakuze ? Ni byo rwose. Ni byo. Nibyo.

30 Yakijije Aburahamu igihe uyu ng'uyu yari afite imyaka ijana, na Sara igihe yarafite mirongo urwenda. Nuko babyara Ishimayeli… cyangwa ahubwo, mumbabarire, Isaka. Ese ni ukuri ? Turabinezerewe cyane.

None, muri abantu beza cyane ku buryo najyaga kubasha kuvugana na mwe gutyo igitondo cyose. Ariko dusome rwose agace k'iri Jambo ry'agaciro gakomeye maze hanyuma duhite twinjira (muri gahunda). None, ndatekereza, niba ibyo ari ubushake bw'Imana, nifuzaga kubabwira gake ibintu byabayeho. Maze rero, kuri uyu mugoroba, Umwami nabishaka, nifuzaga kuvuga ku ngingo … Nifuzaga cyane cyane kuyifata ku mfatamajwi (bande) kubwo kuyikwirakwiza. Ese ni … kandi niba mushaka kuza kumva, ni byiza cyane. Igihe umushumba ari bube ashoje ubutumwa bwe, icyo gihe ndaba mfite …. Bwanjye. Ngiye - ngiye gukora iyi mfatamajwi (bande). Nifuzaga kubwiriza ku « Kimenyetso gitukura cy'Ukuza Kwe, » uburyo kimwe mu bimenyetso gitanga urumuri kuri twe muri iki gihe ubwacyo. Kandi nifuzaga kuvuga kuri ibyo kuri uyu mugoroba. «Ikimenyetso gitukura cyo… Kwe. » Ari hano, Arahari, uyu mwanya rwose. Ikimenyetso cyarazimye. « Gare ya moshi » iri muri gare.

31 Kubara, Igice cya 16, kuri mwebwe mwifuza kubumbura no gusoma ibyo. Ibi, ni Ijambo rihoraho, kubw'ibyo turisomane ukubaha. Nifuzaga gusoma imirongo ibiri mu Kubara 16, umurongo wa 3 na 4, kugira ngo tugire icyerekezo gito kitubera ishingiro ry'ibyo ngiye kuvuga.

Kandi none, niba ibyuma bifata amajwi bitarimo gukora, ndifuza ko mubikoresha noneho. Bitabaye ibyo, mutunganye ibyo ku buryo iki gice cyakoherezwa. Ibi bizoherezwa, niba mushaka… Mubasha gutunganya infatamajwi zanyu ku buryo ahari iki gice, cyaba gitandukanye n'ibindi bisigaye bya gahunda? Murabona, ibyo, ni - ikintu gishya. None, mubasha guhagarika ibyo rwose aha cyangwa , ibyo mukora byose. None, hanyuma, tugiye … Murifuza ko nahagarika rwose akanya kugira ngo musubize inyuma ibyo, kugirango mugire igice cyose kugirango mumenye aho mutangirira? Cyangwa, mubasha uko biri kose gutangirira aho ? Dutangire uko biri kose. Ni byiza cyane, ni byiza.

32 None, tugiye gusoma Kubara 16 :3 n'umurongo wa 4.

> *Bateranira kugomera Mose n'Aroni, barababwira, bati "Ibyo mukora birahagije kuko abo mu iteraniro bose ni abera: umuntu wese wo muri bo, Uwiteka akaba hagati muri bo. Nuko ni iki gituma mwishyira hwejuru y'iteraniro ry'Uwiteka?" Mose yumvise ibyo, yikubita hasi yubamye.*

Data Uri mu Ijuru, Uhe umugisha aya Magambo make. Kandi ugutekereza duciye bugufi k'umutima wacu n'imbuto z'iminwa yacu bibe ibishimwa mu maso ya We. Dusenze mu Izina rya Yesu. Amina.

Nifuzaga gufata ibi nk'igice cy'ibyanditswe, ku byo nifuza kuvugaho muri iki gitondo: "Guhagarara mu cyuho."

33 Icyo gihe tuvuga cyangwa ahubwo dusomye …ku buryo bugaragara, dusobanukiwe twese ko cyari igihe Datani na Kora bari bafashe icyemezo cyo kurwanya - inshingano Imana Yari yahaye Mose, bavuga, bati "Ugomba kwemerera iteraniro ryose iki na kiriya kintu. Bose barera." Ariko Imana yari yashyizeho Mose ngo ayobore Ubwoko ku Butaka bwasezeranijwe. Ariko baravuga, bati "Birahagije! Urashaka kwishyira hejuru ku bwo kuba umwe rukumbi mu itsinda ry'abantu wagira icyo kuvuga!"

Nuko ibyo bibabaza cyane Imana ku buryo Ibwira Mose, iti "Itandukanye nabo. Njyewe - Ngiye rwose - Ngiye rwose kurimbura itsinda ryose no gutangirana na we igisekuru gishya!" Ariko Mose yikubita hasi yubamye mu Maso y'Imana maze ayibwira kumurimbura Ikamukuraho! Murabona?

34 None, uyu munsi, niba Imana yagombaga kurimbura abantu… Kandi habaho igihe aho, igihe Imana yabaga irambiwe guta igihe n'ibyaha byacu (twitwara buri gihe nabi)… Ni nde, uyu munsi, nka Mose, wavugira Ubwoko? Twabona he umuntu wakwifuza kuba umuvugizi, cyangwa Wabasha kuba umuvugizi, uwo Imana Yabasha Kwemera nk'uko Yari Yemeye Mose. Kandi ubuzima bwa Mose ku isi bwari bufite umumaro nk'uwo kubw'Imana ku buryo buhosha uburakari bw'Imana. Kandi Imana ntiyabashaga kwica Mose. Ibyo byambujije amahoro igihe cyose kugeza ubwo njyewe… Umunsi umwe, kubwo guhishurirwa iki Cyanditswe, iki gitekerezo cyanjyemo cy'uko… Murabona, Mose, mu byo yakoraga kuri buri kantu kose yari umuntu uhagarariye undi. Yari igishushanyo cya Yesu Kristo.

35 Nuko igihe Imana yashatse kwambura ubuzima inyoko muntu yose, kandi Ikayirimbura, ndetse n'abanyabyaha bose, Ibacira urubanza rwo gupfa, Kristo apfa kubwacu twese. Kandi Imana ntiyarimbuye Kristo, bitewe n'uko Uyu ng'uyu yari Umwana wa Yo bwite. Kandi na none, Yesu yitanze ku bushake, kugira ngo rero abashe kwishyura ikiguzi kubwo guca inzira mu gihe… Mose atajyaga kubasha kubikora, Mose yari afite amaraso y'ikiremwa muntu nka twe. Kubw'ibyo rero, amaraso Ye ntiyajyaga kuba… ntiyajyaga kuba ahagije. Ariko Yesu nk'Amaraso bwite y'Imana, Amaraso Arema y'Imana … Imana Ibabarira icyo gihe inyoko muntu uko yakabaye icyaha cya Yo, kubera ko byose bishyirwa kuri We. Kandi ajya i Kaluvari maze apfira kure y'Amaso y'Imana nuko arababara kandi ajugunywa ikuzimu h'abapfuye, kuko yari yagizwe icyaha… ibyaha byacu byari bibiri kuri We. Kandi aho, nk'Uwatwaye - imitwaro yacu, atwara ibyaha byacu i Kaluvari, maze abikura i Kaluvari Abijyana ikuzimu h'abapfuye, hanyuma Imana iramuzura ku munsi wa gatatu kubwo kugira ngo abe igitambo cy'impongano cy'ibyaha byacu.

36 Kandi uyu munsi, ni Umuhuza umwe rukumbi hagati y'Imana n'Umuntu, kandi twarababariwe kandi dutsindishirizwa ku buntu. Imana ntabwo Izi rwose ko igihe kimwe twakoze icyaha. Ibyaha byacu byajugunywe mu nyanja yo kwibagirwa kugira ngo Itazongera kubyibuka na rimwe. Ntitubasha gukora ibyo twebwe ubwacu, dufite aho tugarukira. We ntafite itangiriro n'iherezo. Kandi imiterere yacu ifite aho igarukira … Tubasha kongera kubyibuka kubera ko tutari bagari bihagije; ariko We ni mugari cyane bihagije ku buryo yibagirwa rwose ko twakoze ibyaha. Mu maso Ye, turi abahungu n'abakoba. Kandi icyo Yari ari cyo cyose, turi cyo. Ahinduka icyaha cya njye kugira ngo mbashe guhinduka ugukiranuka kwe. Ahinduka icyaha cyanyu kugira ngo mube… We… mubasha guhinduka ugukiranuka kwe. Kubw'ibyo Imana ntibasha kubona icyaha na kimwe muri mwe igihe cyose uguhamya kwanyu kuri muri Yesu Kristo.

37 Umuntu yaravuze, nta gihe kirekire gishize, yaravuze, ati "Ndamutse nizeye ikintu nk'iki najyaga gushyiramo za gaze! Najyaga kwinezeza mu busambanyi ku buryo ubwo ari bwo bwose. Najyaga kujya muri buri kabyiniro. Najyaga gusinda birenze n'ibindi byose, kubera ko…"

- Kubera iki?

- Muba mwaramaze kugera mu mutekano muri Kristo. Ese ni iki ibyo byahindura?

Naravuze, nti « Ibyo byerekana ko mutamwakiriye ! » Niba rwose urukundo rw'Imana rukoze ku mutima wanyu hamwe n'urukundo rwa Yesu Kristo, muzamukunda bihebuje ku buryo isi izaba rwose na none ipfuye nk'uko biba bimeze ku cyaha cyanyu. Ni ku bw'ibyo mumenya ko mufite umwuka Wera. Atari kubw'uko mubasha kuboroga, gutera hejuru n'urusaku, kuvuga mu ndimi cyangwa icyo ari cyo cyose, ahubwo igihe icyaha cyapfuye kandi uri muzima muri Kristo Yesu. Oh ! Urukundo rw'Imana, rufite ubutunzi buhebuje, ruratunganye bihebuje! Murabona?

38 None, nta gihe kirekire gishize i Louisuiville, muri Kentucky, umukozi w'Imana yavuganaga na… avuga ko hari hari umukobwa w'inkumi, wari warihanganye igihe gisa n'aho ari kirekire mu buzima mbere yo gushaka, yari afite hafi imyaka makumyabiri n'itanu, mirongo itatu. Kandi yari umukristukazi w'umunyamurava kandi w'umuntu witanga. Kandi hari hari i Lousiville umuntu umwe utari uri… Ntiyari yarabayeho ubuzima butunganye. Yahoraga ajya mu bitaramo byo kubyina no mu bitaramo bya nijoro n'ibindi byose, ariko umunsi umwe, yahawe imbabazi z'ibyaha bye nuko we - ahinduka umukristu nyakuri, umukristu w'umwete witanga. Nyuma hafi y'umwaka umwe, akunda uwo mukobwa w'inkumi, maze umukobwa w'inkumi aramukunda ku buryo bukabije. Nuko barashakana.

39 Nyuma y'uko babanye hafi imyaka ibiri, bavuga ko umunsi umwe, uwo mudamu muto yabwiye umugabo we … Yaramubwiye, ati «Mukunzi, ndatekereza ko ibyo bigomba kuba bikomeye cyane kuri wowe w'umukristu mushya, njyewe ndi umukristu kuva nkiri umukobwa muto, ariko, niko yavuze, kuri wowe nk'umukristu mushya, kugomba kwihanganira uko koshywa kose n'ibishuko bijyana n'ibyo, nyuma yo kuba igihe kirekire cyane mu cyaha. » Nuko yarashubije, ati «Rero, ibyo bihinduka urugamba nyakuri. »

Yaravuze, ati « Nifuzaga ko wibuka ikintu kimwe, ukamenya, niba bibayeho ko umwanzi akurogoye ahantu runaka, kandi ugasubira mu cyaha, ntukabe kure y'urugo. Nakifuza ko wagaruka imuhira. » Yaravuze, ati « Uzasanga imuhira umugore umwe washatse. » Kandi aravuga, ati « Nzagufasha kongera gusenga no gukemura ibyo mu gusenga, no kongera kugaruka ku Mana. » Yaravuze, ati « Njyewe, sinagakunze ko uguma kure. » Yaravuze, ati « Umva! Nagushatse ntashingiye ku ko wari umeze, ahubwo nagushatse kubera ko nagukundaga. » Na none aramubwira, ati «Icyo wakora cyose, ndagukunda igihe cyose. Nagushatse kubera ko ngukunda. »

40 Maze uwo munsi, uwo mugabo ajya ku kazi, bamwumvaga asubiramo ibyo aho yakoraga. Yaravuze, ati « None ni buryo ki umuntu yabasha gukora nabi imbere y'ikintu runaka nk'icyo ? » Igihe umugore akunda umugabo ku buryo (ntakwita ku cyo uwo ng'uwo akora) aba yiteguye kugaruka akamugarurura kubwo kongera kugerageza … Murabona ? Ibyo bigaragaza… None, mukube ibyo inshuro za miliyari maze muzabona icyo gihe igitekerezo rw'icyo urukundo rw'Imana ari cyo.

Igihe umuntu akunze Yesu Kristo, ibintu by'isi… Igihe mutekereje ibyo yakoze kubwa nyu akoresheje Umucyo w'Ibyanditswe, atari umucyo w'icyiyumvo runaka, ahubwo kubw'umucyo w'ibikorwa, w'ibyo ari byo, icyo gihe habaho ikintu runka kuri mwe ku kuvuka ubwa kabiri, icyaha kiba gipfuye burundu. Igihe… Igihe cyose uwo Mucyo uri muri mwe, ni buryo ki icuraburindi ry'umwijima wabasha kwigaragaza ? Ntibishoboka ! Kandi ni cyo Imana yakoze kubwo umuntu wishyize mu cyuho, umuntu wabashije kwemera isezerano. Kandi Mose yari igishushanyo cy'uwo Nyirizina, ni yo mpamvu Mose yahagaze mu cyuho kubw'ubwoko.

41 Uyu munsi ndibaza ibibazo kuri iki gisekuru cya Lawodikiya kinamuye, cy'ubunebwe kandi gicitse intege, cyo turimo. Tuzi twese, kandi nyuma yo kuba twarize ibi bisekuru by'Itorero, ko turi mu gisekuru cya nyuma, igisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya. Kandi muri iki gisekuru cy'irari turimo ubu, igisekuru cy'ubunebwe, kinamuye, kidafite icyo kitaho, cy'ibinezeza, cy'ibyaha, biratangaje ko Imana itavuga rwose, iti « Torero, igira yo, ngiye kurimbura iri tsinda ryose ! Murabona? Mbega igisekuru nk'iki turimo! Kandi, ni cyo Izakora na none umwe muri iyo minsi. Tuzi ko ibyo bizabaho kandi nta muntu uzabirokoka, kubera ko Yamaze… Umuntu Yarapfuye kubw'abifuzaga kubirokoka. Nyamara Izafata abari bari, cyangwa ahubwo abemeye Kristo kandi bahindutse abakristu. Bazarokorwa umujinya, kuko icyo gihe ntiyabashaga gukora ibyo. Nta buryo bwari buriho kugira ngo bibe byakorwa mu gihe cya Mose.

42 None, mu Gitabo cy'Ibyahishuwe, igihe tugeze ku gisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya… Mu Byahishuwe, mu gice cya 3, Bibiliya ivuga ko icyo gisekuru, igisekuru cya Lawodikiya, cyari impumyi. Iravuga, iti « Kubera ko uri umutunzi, uvuga ko uri umutunzi, kandi ko wakize… » (Amatorero akomeye cyane, abantu bambaye neza, akomeye cyane birenze atarigeze na rimwe abaho mu bisekuru byose), kubera ko uvuga, uti « Nta cyo nkennye. » Nta bwo uzi ko uri umukene, umutindi wo kubabarirwa, uteye agahinda, wambaye ubusa buri buri, impumyi, kandi ntabwo ubizi. »

None, niba umuntu ari muri iyo mimerere, kandi bakamubwira imimerere ye, yagashatse uko yava mu kibazo, niba - niba atekereza neza. Ariko igihe ari muri iyo mimerere kandi mukaba nta cyo mwamubwira kindi… Ntabwo yizera rwose ko yambaye ubusa buri buri, ntabwo yizera ko ari muri iyo mimerere, icyo gihe ibyo bigaragaza aha ko ari impumyi. Imana y'iyi si yahumishije abahakana gukorera Kristo, kandi bo ni impumyi bikabije ku buryo batabona ikimenyetso turimo, isaha, igihe turimo. Kandi mwibuke, umuntu yahagaze mu cyuho kandi nta muntu wundi Wabasha kuhahagarara. Birabasaba kwemera uwo - uwo muti, bitabaye ibyo muri murubanza.

43 None, rero, kugira ngo twegere rero icyo nifuzaga kuvuga, tubasha guhagarara… (None, ndibwiriza njyewe ubwanjye kuri ibyo) Tubasha guhagara aho kandi tukabona umuntu w'impumyi, ku buryo bw'umubiri ari impumyi, kandi tuzi ko yerekeje ku manga… twabasha, turi mu gice cy'umwuka turimo muri iki gitondo, twabasha guhagarara aho kandi tukabona impumyi yerekeje ku manga, impumyi, kandi ntidushake uko tuyiburira? Byaba… Byaba ari ubugome bukomeye. Mu by'ukuri twaba turi abantu badafite icyo bitayeho mu mutima wacu. Mubasha kwibaza umuntu guhinduka rwose umuntu udafite icyo yitayeho bikabije ku buryo yabasha hafi guseka abona (impumyi itabona kandi itabasha kwikura mu kibazo) yerekeje nta cyo yitayeho ku manga? Byaba ari ubugome - kutagira icyo ukora kuri ibyo…

44 None, kuri bene Data bo mu isi yose, nifuzaga kugira uku guhamya. Njyewe - Nzavuga mu kwicisha bugufi kose ko ari cyo nakoraga neza neza cyangwa nabaga niteguye gukora. Nabwirije igihe cy'imyaka myinshi, kandi njyewe - nabaye umuntu ukuze n'umubwirizabutumwa ukuze, inararibonye. Narwanye intambara nyinshi kandi zikomeye kandi ndi… Nabasha… Mfite inkovu, umuntu wanjye w'imbere yuzuye ibikomere nagize mu ntambara. Kubw'ibyo umugabane wa njye, uwo Umwami yampaye, ntabwo wabaye uwo kuguma aho kugira ngo mfate abana b'impinja mu maboko no gushyingira abasore n'inkumi no gushyingura abakambwe. Ahubwo byari ugufata inkota n'ibiganza byombi, ku rugamba no kurwanya ubushukanyi - ubupagani, imikorere y'amadayimoni n'imbaraga z'umwijima, kandi nkarwanya ibyo nkoresheje Ijambo ry'Imana kugeza ubwo mbonye umwanzi atsinzwe. Kenshi nagize ibikomere bikomeye.

45 Hanyuma, igihe nazanye Ubutumwa bw'uyu munsi kandi nkabwira itorero ibintu niteguye kuvuga… kandi nari naravuze ibintu mbere, hashize imyaka, igihe Umwuka Wera ampamagara kuri uyu murimo. Kandi nta muntu ku isi uyu munsi uzabasha kuvuga ko Umwami yanyemereye kubabwira icyo ari cyo cyose mu Izina Rye cyaba kitarabayeho neza neza nk'uko ibyo byagombaga kubaho.

Yanyohereje mbere na mbere, n'impano ya mbere, hanyuma iya kabiri … Kandi ibintu byavuzwe cyangwa byakozwe mu isi yose, kandi ku buryo budakebakeba za miliyoni zaje kuri Kristo. Kandi imbaga y'ibihumbi by'ababwirizabutumwa bahawe ugusigwa, ni byo byabyaye ububyutse bwayogoje isi yose uyu munsi. Kandi, abapantekote nk'abakiriye Ubutumwa bwa njye, nibo bihariye urubuga. Itorero pantekote

rifite abahindutse benshi kuruta … itsinda rito ry'Abapantekote, kuruta andi matorero yose ateraniye hamwe. Duhereye ku bigereranyo by'imibare. Kubera iki? Ni ukubera ko bakiriye ukuri kandi ko bakiriye ububyutse.

46 Kandi none, nyuma yo kuza kw'ibyo bihe bihebuje aho habayeho ugukira indwara, aho abadayimoni birukanywe, n'abapfuye bakazuka, ibyo twese tubereye abagabo bo guhamya, ndetse n'abaganga benshi n'abantu bakomeye b'iyi si … Kandi ukugaragara k'Umwami Yesu muri twe uko… muri icyo kimenyetso mubona aho, ndatekereza, ku rukuta, aho ari ho hose, ikimenyetso cya Marayika w'Umwami, n'abantu b'abahanga bashyize ibyo munsi y'uburenganzira ntavogerwa. Kandi ni - ni igikorwa kizwi mu isi yose. Kandi murabona ibintu ubwabyo Yakoze bibaho buri gihe. Rero, niba Inkingi y'umuriro igendana na Isirayeli mu butayu mu gihe cya Mose, iyo twebwe… cyangwa ahubwo igihe Mose yari yari ahamagawe "Umugaragu w'Uwiteka," Yari akurikiye Inkingi y'Umuriro nijoro n'Igicu cy'Ubwiza ku manywa …

47 Kandi igihe Yesu yari ari ku isi, Avuga ko Yari iyo Mana. Aravuga, ati "Mbere y'uko Aburahamu abaho, NDIHO." Kandi NDIHOYari Inkingi y'Umuriro yari iri mu gihuru cyaka umuriro kandi Yavuganye na Mose mu gihe cyahise. Ndatekereza ko rwose ari ibyo, Mwene Data Voylee. Hanyuma aravuga, ati "Nturutse ku Mana kandi Ndasubira ku Mana." Kandi igihe abambwa, Agapfa, Akazuka kandi Akazamuka mu Ijuru, maze agashyira Umubiri We ku gicaniro gikomeye cy'Uwiteka Imana, kubwo kuba igihe cyose aho, kubwo gukora mu mwanya wacu, kugira ngo tumenye ko Yishyuye ideni ry'icyaha cyacu. Kandi none, Yagarutse ku isi mu Ishusho y'Inkingi y'Umuriro y'Ikuzo.

48 Mu gihe Pawulo wera yari ari mu nzira… Yitwaga Sawuli w'i Taruso mbere y'uko yitwa Pawulo Wera. Kandi igihe yari ari mu nzira ajya i Damasiko kubwo guhagarika abantu bateraga urusaku rwinshi, bateraga hejuru n'urusaku kandi bakabwiriza Ubutumwa bwiza butandukaye n'imihango n'imigenzo by'amatorero ya bo… Umunsi umwe, mu gihe yari ari mu nzira, hafi y'iyi saha y'umunsi, atungurwa n'Umucyo Ukomeye. Kandi uwo Mucyo ukomeye, we nk'Umuyahudi, yari azi ko Inkingi y'Umuriro yari yarayoboye abana ba Isirayeli, kandi dore Yari yongeye guhagarara aho imbere ye, atera hejuru n'urusaku, ati "Mwami!"

Nyamara, niba mureba neza muri Bibiliya yahinduwe insobanuro yitiriwe Umwami Jacques n'iyahinduwe ya Standard, n'ibindi byose, ni U-M-W-A-M-I mu nyuguti nkuru. Kandi uwari we wese aha uzi Bibiliya Ye azi ko igihe ari U-M-W-A-M-I mu nyuguti nkuru, ni Elohimu, Ushoborabyose waremye amajuru n'isi, mu Itangiriro 1:1, UMWAMI. Nyamara, Pawulo ntiyajyaga kwita ukwitiranya kw'amaso (ibirorirori)… Ntiyajyaga kwita atyo ikintu runaka cyo atari afite icyo aziho, kuko yari umuntu w'inzobere mu Byanditswe, wigishirijwe ku birenge bya Gamaliyeri, umwigisha ukomeye w'icyo gihe. Ntiyajyaga kwita ibyo UMWAMI, iyo ataza kuba yamenye neza ko Yari rwose Yehova. Yaravuze, ati "Uri nde, Mwami?"

49 Mwumve igisubizo kiva muri iryo Jwi, Ati "Ndi Yesu, uko nari ndi ejo, uyu munsi ni ko ndi kandi ni ko nzahora ndi iteka ryose."

Kubw'ibyo ndatekereza, hagati y'ibyo byose, ko mbere yo kujya kure cyane, aha no mu isi yose… Abantu bazumva n'abumva ubu, bazamenya ko buri gikorwa kigaragaza ko ari Yesu Kristo, uri nk'uko yari ari ejo, uyu munsi niko ari kandi niko azahora iteka ryose. Yakoze neza neza ibintu bimwe n'ibyoYakoraga: Yakijije abarwayi, Yarondoye ibitekerezo by'umutima byo… Yamenyesheje ibintu byagombaga kubaho; kandi igihe cyose, byari bitunganye, igihe cy'iyo myaka yose. Mfite imyaka mirongo itatu n'ine, kandi nagize amayerekwa guhera ku kigero cy'amezi hafi cumi n'umunani, kandi nta n'inshuro n'imwe … Ahubwo igihe cyose, byabaye ukuri. Murabona? None, ibyo bigomba kuba ari Imana. Na none, ndibaza, nti "Kubera iki abantu ari impumyi cyane kubwo kutabona ibyo?"

50 Kandi ku buryo budatuza kandi budahinduka, igihe mbwira abagore bacu kubw'uko bikatisha imisatsi, abakozi b'Imana baranyihanangirizaga kuri iyo ngingo; no kubw'uko bambara imyambaro y'urukozasoni, utwo dukabutura, no kubw'uko bigaragaza ku buryo bureshya nk'uko, no kuby'imyitwarire mibi; kandi iyo mbwira abagabo bacu, kubyerekeye imyitwarire yabo, kubw'uko banywa itabi, no gusangira n'inshuti zabo inzoga n'ibindi byose; kandi na none bakiyita igihe cyose abakristu kandi bagafata ifunguro ryera ku meza y'Umwami kubera ko ari abayoboke b'idini. Oh, byari uko gusa… Batekerezaga ko natukaga Imana. Kandi abagore barushijeho kwitwara neza? Bahindutse babi kurushaho, mu gihugu hose.

Hanyuma njyewe, nk'umuntu urakara vuba (ndabivuga ntuje buhoro), kandi birashoboka ko ubwoko bw'umuntu w'umunyaburakari nk'uko ndi… Kandi nziko nabaye umuntu udashoboye mu gutangira kubw'umurimo nari mfite gukora, nk'uko benshi babyitotombeye. Byari bigoye. Ariko njyewe - naratekereje, nti "Oh Mana, kubera iki Utahamagaye undi muntu wajyaga kuba umuntu ushoboye gukora ibyo? Kandi njyewe - ndicuza, ariko njyewe - naratsinzwe. Abantu ntibazifuza rwose kunyumva kandi ntabwo nageze ku cyo nagombaga gukora, ahantu runaka, kubera ko abantu batifuzaga kunyumva."

51 Mama umaze kwinjira mu ikuzo (harasa n'ahashize - hafi umwaka urasa n'urenga )… Mama… Ise yari umuhigi. Kandi njyewe - ndatekereza nakuye byose kuri we, kuko njyewe - nkunda ishyamba. Kandi naratekerezaga, nti "Iyaba aba bantu biyita abakristu, niba badashaka kumva Ubutumwa mbwiriza, icyo gihe nzabaha amahoro. Nzahagarika ibyo byose maze nigire mu misozi. Kandi nzi inshuti imwe iwe …"

Benshi muri mwe aha muribuka kuba mwaranyumvise mvuga mbere igihe, hafi amezi atandatu mbere y'uko ibyo bibaho (byari rwose kuri uru ruhinbi aha), ko najyaga kujya ahantu runaka kandi ko hajyaga kuba hari inyamanswa isa n'ifumberi, ifite amahembe asongoye, ipima inshi mirongo ine n'ebyiri [ Sentimetero 96,68. - Usobanura.] Kandi ko hajyaga kuba hari idubu y'ibara ry'isine, ipima ifuti indwi( metero 2,13. -Usobanura)Mufite ibyo ku mfatamajwi n'ibindi byose. Ndatekereza ko ari… Muribuka icyo gihe, mwese. None, ibyo biri aho mu biro bya njye, muri iki gihe kubwo - kubwo kugaragaza ko ari ukuri.

52 None, rwose kubyerekeye ibintu nk'ibyo, kubera ko byari rwose mbere y'urupfu rwa mama; kandi Yifuzaga kunshogoza umubabaro kubera icyo kibazo gikomeye, kuko Yari Izi ko Yari igiye kumuntwara.

None, nahuye n'umuntu wari umukristu, kandi ufite igikingi kinini rwose mu majyepfo y'Alaska. Kandi nari nafashe icyemezo, kubera ko nari navuye aha kubwo kujya Iburengerazuba, kugira ngo mfate umugore wa njye mo kumumenyereza mu yandi magambo mu kintu runaka. Najyaga kumujyana ruguru iyo kandi najyaga guhinduka umukozi uyobora abantu mu ishyamba. Kandi na none,niba Umwami ashatse ko nkora ikintu runaka …Najyaga kureka imisatsi yanjye igakura kandi njyewe- najyaga kubasha … ubwanwa bwanjye.Nuko - kandi najyaga kugaruka aho kandi najyaga kuba umukozi uyobora abantu mu ishyamba. Hari hafi gusa Abahinde babiri cyangwa batatu baba aho muri ako gace; Kandi njyewe - najyaga kuba rwose umuyobozi w'abantu mu ishyamba kandi najyaga gufasha Bud. Kandi niba Umwami ashatse ko nkora ikintu runaka, icyo gihe njyewe - najyaga kuvuga nti "Ni byiza cyane, Mwami." Yajyaga kumpa iyerekwa kandi najyaga gusohoka bucece.

53 Navuze ko abantu… Sinigeze na rimwe niyita… Uwari we wese ubizi… Ariko abantu baravuze bati "Mwene Data Branham, Umwami Yabahamagariye kuba umuhanuzi We." None, njyewe - sinigeze na rimwe niyita ntyo, ariko nari nageze ku rwego aho nari ndi hafi kubikora, gutekereza, nti « None, birashoboka ko ndi we. Niba ariko biri, nzaba iyo mu butayu. Kandi niba mbaye iyo mu butayu, icyo gihe nzaba ngiye- nzaba ngiye - nzaba ngiye kuba umuhanuzi We. » Murabona ? Kandi na none, niba Yifuza kunyohereza ahantu runaka… Kandi igihe Atankoresheje, nabasha icyo gihe rwose kujya kuroba amwe mu mafi meza ndetse - no gukora ibintu runaka. » Birumvikana byari imyitwarire isa n'ukwikunda (murabona ?), kubera ko ni njyewe wifuzaga gukora ibyo. None, ntabwo ari ikintu neza neza cyo gukorwa. Kandi ni cyo nari niyemeje rero gukora.

Kandi none, rwose mbere y'ibibwirizwa ku bisekuru birindwi by'Itorero, neza neza uko byashushanyije aho… Hari benshi uyu munsi bari bari aho icyo gihe kandi bazi uburyo Umwami mu by'ukuri yahaye umugisha ibyo, agaragaza ibyo uko byakabaye aho ku rukuta, rwose kubwo… ni bangahe aha bari bahari icyo gihe, igihe We Aza ? Ni cyo cyari cyabayeho.

54 Na none, ndibuka rero mwene Data Jackson. Aba ari kumwe na twe ubusanzwe, mwene Data Junior Jackson, umumetodisite … Yari umubwirizabutumwa w'umumetodisite. Ni byo, dore ng'uwo, yicaye aha ubu. None, yaje kuntekerereza inzozi. Kandi hanyuma abandi bene Data baraje, bafite inzozi nk'izo.None, Umwami yabaye muby'ukuri mwiza kuri njye kandi sinigeze na rimwe (kandi mbagize abagabo bo guhamya muri iki gitondo)… Nigeze na rimwe mbaha insobanuro itari yo y'inzozi? Oya oya! Kubera ko Umwami… Ntacyo mvuga kuri ibyo kugeza aho nongeye kubona ibyo kandi nkamenya icyo ibyo… ko Avuze ikintu runaka kuri ibyo; icyo gihe ndabibabwira. Kandi rero, yaravuze, ati "Njyewe …" Nari nakoresheje iteraniro mu itorero rye, kandi we… Ku buryo bumwe cyangwa ubundi, yari ahangayitse cyane kuri uwo mugoroba. Nuko yarasohotse ubwo mu iteraniro yiruka kandi yaje mu kindi cyerekezo kandi yansanze mu modoka, kandi abantu banyuragaho. Yaravuze, ati "Nifuzaga kubabwira ikintu runaka."

55 71.Nuko yambwiye ko yari yagize inzozi, ko hari ahantu runaka aha, nko muri Indiana, ahari hari umusozi muremure n'agasozi kanini kariho ibyatsi n'… amazi yari yatwaye ubutaka bwose bwo kugasongero k'impinga y'umusozi. Kandi uwo wari wahindutse urutare nk'agasongero k'umusozi kambaye ubusa ku - ku musozi. Nuko rero kuri urwo rutare, hari hari inyandiko iteye amatsiko. Kandi yavuze ko nari mpagararanye aho na bene Data bose bo hafi aho b'iri torero, nsobanura iyo nyandiko. Kandi hanyuma, igihe twageze aho nari natanze insobanuro yose, ni icyo gihe ku buryo bumwe cyangwa ubundi, (niba nsobanukiwe neza inzozi), nafashe ikintu runaka nk'icyuma gifite amenyo kirimbura ibintu cyangwa - cyangwa ubwoko bw'icyuma gifite imfuruka cyangwa ikintu runaka cyo muri ubwo bwoko (cyangwa - cyangwa ahubwo ntabwo ari icyuma gifite imfuruka, nashakaga kuvuga icyuma gishyigura ibintu cyangwa ikintu runaka nk'icyo), nuko natemye agasongero k'uwo musozi kandi naragateruye. Kandi mo imbere, hari hari urutare rwererana, ikintu runaka nk'ibuye ry'isarabwayi, cyangwa ikintu runaka nk'icyo, urutare rwererana kuri rwo ntacyari cyanditsweho. Maze nabwiye bene Data, nti "Mugume aha kandi mwitegereze ibi, nuko njyewe, njyewe…" Igihe bose bitegerezaga, nanyerereye kure yabo kandi natangiye kugenda nerekeje iburengerazuba. Kandi mwene Data Jackson yavuze ko ambona ngenda, nkakamba agasozi maze hanyuma akandi gasozi, kagenda karushaho guhinduka gato mu gihe nagendaga nerekeye iburengerazuba. Muribuka ibyo.

56 None, insobanuro y'ibyo birumvikana itangwa aha muri iri torero mbere y'uko ikintu kibaho… nk'aho i - igihe cyarageze noneho aho, ndatekereza, uguhishurirwa kuzuye binyuriye mu gisekuru cya Luther, Wesley, John Smith, Alexander Campbell n'abandi babwirije bashingiye kuri Bibiliya…Kandi hanyuma,

twazengurutse Bibiliya kandi twerekanye ko hari Ubutunmwa bwa marayika wa karindwi. Kandi mu Ijwi rya marayika wa karindwi, Ubwiru bwose bwajyaga guhishurwa. Hanyuma hakazaza inkuba z'ubwiru ndwi.

Kandi uyu munsi, niba turi muri iki gisekuru cy'iherezo, aho twanyuze mu gutsindishirizwa, ukwezwa n'umubatizo w'Umwuka Wera; kandi aho twagize ibitangaza, imirimo ikomeye, n'ubwoko bwose bw'ibintu… Kandi impano, nko gukira indwara kubw'Imana, ubuhanuzi no - no kuvuga mu ndimi ndetse no kuzisobanura byagarutse mu itorero. Kandi, nubwo ibyo byagaragajwe nabi ku buryo buteye ubwoba, ibyo nyamara ntibibuza ko hariho ikintu cy'ukuri, ko hahaho ikintu nyakuri, ikintu runaka muby'ukuri cy'umwimere, impano yo kuvuga mu ndimi yakagombye kuba igihe cyose mu itorero. Murabona?

57 Dufite ukwigana kwinshi. Hari abantu bahaguruka kandi bakagerageza gukora nk'abakristu, ariko ubuzima bwa bo bitanjyanye, ni yo mpamvu hari ho ikintu runaka kitagenda neza. Yesu yaravuze, ati "Ni ku mbuto za bo muzabamenyera." Murabona? Dore uburyo muzamenya umukristu: muhereye ku buryo bwe bwo kubaho. Ni yo mpamvu, ntimukigere mwitera hejuru cyane na rimwe kurenza ubuzima bwanyu. Kubw'ibyo rero… Ariko kuri ibyo… Ariko ni u - ni umudayimoni uremarema igikangisho kubwo kurindira kure abizera b'ukuri kandi b'umwimerere ikintu nyakuri. Ariko Imana idufasha guhitamo ibintu no kuba tubasha kurondora icyiza n'ikibi. Maze - kandi igihe cyose ni Ijambo rizakosora ibyo.

None, dutahura kuri ibyo, nababwiye ko insobanuro ku byerekeye urwo rutare… Kandi urutare rwari ruri mu nzozi za mwene Data, ni Kristo. Kandi ni ibihura na Bibiliya. Kandi mu gihe cy'iyo myaka yose, Bibiliya yasobanuwe ku buryo twayihaye insobanuro ya kidini ku buryo budasubirwaho kuva ku ntangiriro kugeza ku iherezo. Nyamara impano ya nyuma yongewe ku gisekuru cya Lawodikiya (Ni igihe cya marayika wa karindwi cyo kubwiriza muri iki gisekuru cya Lawodikiya), muri iki gihe, hajyaga kuba hari ibintu byinshi byari byarasobanuwe nabi mu gihe cy'ibisekuru byose.

58 Nk'urugero, Luther abwiriza ugutsindishirizwa, ariko agusiga kudasobanuwe, kubera ko ntabaho igihe kirekire. Kandi igihe cyose cya… Hanyuma, bahinduye itorero idini. Luther ntiyigeze na rimwe arihindura idini; bibaho nyuma ya Luther. Kandi na none, Wesley yaraje. Kandi nyuma ya Wesley, bagira Itorero rya Wesley. Kandi hanyuma, nyuma y'ibyo, John Smith yaraje, Ababatisita; kandi hanyuma Alexander Campbell n'abandi. Ariko abo bantu (abagorozi), ntibabaho igihe kirekire kugira ngo bashyire hamwe ibyo byose. Kandi ni yo mpamvu, hari ingingo nyinshi zasigaye zisa n'aho zituzuye. Kandi na none, igihe bakoze… Nk'urugero, John Smith agarura umubatizo w'amazi; umubatizo w'amazi bakoresheje kwibiza, ariko bakoresha amazina y'Imirimo y'Imana. Kandi muri ibyo bintu byari byarasigaye bituzuye… Ariko rero, igihe tugeze ku iherezo, Ubutumwa bwa nyuma bwakagombye gushyira ibyo byose muri gahunda, kubwo kugarura ibyo bintu ku kwizera kumwe rukumbi, ku Mwami umwe, ku mubatizo umwe. Murabona?

59 Kandi none, nyuma y'uko Bibiliya yasobanuwe ku buryo bwuzuye, icyo gihe muzabona ko ibyo byafunguye agasongero k'urutare ruri mu ishusho ya Piramide (ntabwo ari inyigisho kuri piramide, none, ntabwo ari byo, kuko njyewe… Abantu bigisha iyo nyigisho ya piramide… ndatekereza ko bazi icyo baba bavuga. Njyewe, nta cyo mbiziho). Ariko uko biri kose, muri… ibyo bifite ishusho ya piramide. Ariko agasongero ka piramide ntikigeze na rimwe gashyirwaho, kubera ko ryari Ibuye rikomeza Imfuruka, ryari ibuye ry'Umutemeri Risoza. Kubw'Itorero, ryari Ibuye rikomeza Imfuruka; Kubw'Itorero rigeze mu gutunganywa, ryari Ibuye ry'Umutemeri risoza. Kubw'ibyo ntiryigeze na rimwe riza. Ryaranzwe: Kristo! Ariko Rizaza! Kandi ndizera ko igihe rizazira, Itorero rizashyikira igihagararo runaka, kuba ryaranyuze mu gutsindishirizwa na Luther mu kwezwa na Wesley, hanyuma mu Butumwa bwa Pantekote. Ibyo bizahindura Itorero akantu k'ubusabusa k'abantu nyamuke. Kandi ubukozi buzaba buri hagati y'ubwo bwoko ku buryo bizaba ari ubukozi bumwe neza neza n'ubwo Yesu Kristo yakoze. Ibyo bizazana Yesu kandi bizakuraho ikintu cyose uko cyakabaye.

60 Abo Baluteriyani bose, Abapuresipiteriyene, Ababatisita, Abametodisite b'abanyakuri kandi b'abiringirwa, n'ababyawe n'Umwuka w'Imana bose bazazamuranwa na Yesu Kristo igihe Azagaruka . Nizera ibyo. Ntabwo nemeranya na bene Data bamwe b'Abapantekote bizera ko ari igice gisigaye cy'Itorero kizazamurwa mu gisekuru cya nyuma. Kuri ibyo ntabwo twemeranya, kubera ko Imana… Ni buryo ki umuntu yajyaga kubasha… Ni buryo ki Imana Yajyaga kubasha… Ntidufite kuvuga, tuti "Ni buryo ki Yajyaga kubibasha?" Ibasha gukora icyo Ishatse. Ariko Imana Yasezeranije Luther… Kandi mu gihe cy'ugutsindishirizwa, ni cyo cyonyine bari bazi. Muraboba? Yasezeranije gutwara Itorero. Kandi Yo… Ndabyizera kubw'ubuntu bw'Imana, kandi nshyigikira ibyo nkoresheje Ibyanditswe. Kubw'ibyo, ntabwo Yaje mu gicuku cya mbere (barasinziriye), cyangwa mu gicuku cya kabiri kandi bityo bityo. Yaje mu gicuku cya karindwi. Kandi ni igisekuru cya karindwi cy'Itorero. Ni Ubutumwa bwa marayika wa karindwi. Murabona? Kandi igihe Aje, abo bari bose barabyuka kandi kaboneza amatabaza yabo: Abapuresipiteriyene, Abaluteriyane, Ababatisita, ababyawe n'Umwuka w'Imana bose bazajya mu izamurwa. Nizera ko Umugeni azahamagarwa muri icyo gihe. Nizera ko mu minsi ya nyuma, hazabaho abatazagira kunyura mu rupfu, ahubwo bazahindurwa mu kanya gato, mu kanya nk'ako guhumbya ijisho.

61 None, dufashe ibyo mwabonye mu nzozi za mwene Data Jackson, nta cyari gihari cy'inyandiko mo imbere y'urwo rutare. Ni yo mpamvu yatumye naragiye Iburengerazuba. None, kubera ko ibyo byabayeho… Kandi nari nababwiye ko umunsi umwe, nzababwira icyo ibyo byashakaga kuvuga. Ni

kubw'ibyo nari nagiye Iburengerazuba. Kandi nabatekerereje iyerekwa iryo abantu, icyarimwe abumva imfatamajwi (bandes) n'abari hano muri iki gitondo, bazamenya igihe bazafatira "Bagenzi banjye, ni gihe ki?"… Kandi uwari we wese muri mwe, bene Data, bumva imfatamajwi (bandes), kandi badafite ubu Butumwa, kandi bifuza gukurikira ibyo, mufate "Bagenzi banjye ni gihe ki?" Mbere… Ibyumweru n'amezi mbere y'uko ibyo bibaho aha, nagize iryo Yerekwa aho nari ndi i Tuckson, mu majyaruguru ya Tuckson; byajyaga kuba biri iburasirazuba bwa Flagstaff, mu majyaruguru ya Tuckson, kandi najyaga kuba ndimo gukuraho ibishodeko ku maguru y'ipantaro ya njye kandi hajyaga kuba hari - uguturika kwajyaga kumera… mu bigaragara kwajyaga kunyeganyeza agace. Ni bangahe muri mwe bibuka ibyo? Ni iby'ukuri. Ibyo byajyaga kunyeganyeza igihugu.

62 None, biragaragara ko hari muri iki gitondo nibura umuntu umwe wari uri aho igihe ibyo byabayeho. Rwose, ibyo byarimbuye ibitare ku misozi. Kandi none, abantu… Turabona ko muri icyo gihe, nabonye Abamarayika barindwi mu ishusho ya Piramide bamanutse mu cyubahiro kandi baranzamuye. Kandi najyanywe iburasirazuba, kugira ngo mfungure Ibimenyetso Birindwi by'Imana. Niba mutabifite… Niba Yesu atinze kandi njyewe… Abuzukuruza banjye, abana ba Paul muto… Bizaba igihe cyose ukuri guhoraho kw'Imana nzima. None, byari kubwo gutahura… ibyo byari bifatanishijwe ikimenyetso mo imbere muri uwo musozi. Ibyo ntibyari byanditse. Byari ngombwa ko bisobanurwa. Kandi igihe nagarutse umugoroba wa mbere, Marayika wa mbere yafunguye ikimenyetso: byari bihabanye n'ibyo twari twarigeze kumva mu buzima bwacu. Kandi birindwi byose bihishurwa ku buryo bumwe. Muzi ibyo. Mwari muri aho igihe ibyo byabayeho, benshi muri mwe.

63 None, sinari mbizi icyo gihe, ariko mwene Data Fred Sothmann… Nzi ko ari hano. Kandi nzi neza ko mwene Data Norman ahari. Twari turi aho… Nagombaga kujya i Houston kubwo gutabara uwo mwana w'umuhungu mukura mu kagare k'umuriro w'amashanyarazi. Kandi hanyuma, naratashye kandi nagiye mu muhigo aho hamwe na bene Data. Kandi muri icyo gitondo, nari mpagaze aho, ndimo gukuraho ibishodeko, cyangwa - cyangwa ahubwo icyo bita aho ngaho "goat - heads" (ibishodeko),nari ndimo gukuraho imihurura ku kuguru kw'ipantaro yanjye. Maze uguturika kubaho neza neza ku buryo ibyo byari byamenyeshejwe. Ese ni iby'ukuri, mwene Data Fred? Kandi mu gutaruka rimwe, njyewe - nagombye kujyanwa kure cyane y'ubutaka. Kandi rwose hejuru ya njye, hari hahagaze Abamarayika b'Umwami bari banzamiye Ubutumwa kugira ngo ngaruke aha kumena ibyo Bimenyetso. Kubera iki aha? Kubera iki mu ihema? Kubera iki ntabikoreye aho? Kubera ko nasezeranije itorero ryanjye n'Imana ko Ubutumwa bwose bushya bwajyaga kuzaturuka muri iri Hema kandi byajyaga gufatwa ku mfatamajwi (bandes) biturutse aha. Kandi Yari irimo kumfasha gukomeza Ijambo rya njye, kuguma aha kubwo kurisohoza. Kandi na none, uwo mwanya, narongeye ndagaruka.

64 None ntabwo nari nzi ko icyo gihe bafataga amafoto y'Ibyo; inzobere z'abahanga zarabikoze, igihe Abamarayika bamanutse mu Ijuru kubwo kuzana Ubutumwa. Kandi muribuka ko nari nababwiye ko Uwari uri ku ruhande rw'iburyo bw'urwo rugaga (rw'Abamarayika) Yari afite… igituza gisa n'ikije imbere kandi amababa Ye… Muribuka mwese ko nari navuze ibyo? N'uburyo nari nabyitegereje ? Yari atandukanye cyane n'abandi. Kandi sinari nzi ko bari bafashe ifoto y'Ibyo, kubw'ibyo, nari nahise mpatwa kujya iburasirazuba. Ariko mu gutaha iwanjye, i Tucson, ibyo byari byatangajwe mu binyamakuru byose; Ibyo byabonywe mu gihugu hafi cyose, cyangwa ahubwo kugeza muri Mexique no muri Leta zose z'Iburengerazuba. Kandi ndatekereza ko "Le Courier" aha… Ibyo bitangazwa n'(ikinyamakuru) "Associated Press." Ni bangahe babonye icyo gicu cy'ubwiru butangaje mu Ijuru ? Mwerekane ibiganza byanyu. Kandi none, ikinyamakuru « Life » cyarabitangaje. Kandi mfite aha muri iki gitondo, inkuru y'ikinyamakuru « Life,» aho, ku birebana n'iturika… None, ngibi, igihe kimwe n'igihe nari ndi aho. Murabona Piramide ikozwe n'Igicu cy'ubwiza ? Nari mpagaze rwose munsi y'Ibyo. Kandi aho… murabona Uwo Mumarayika utandukanye n'abandi ku ruhande rw'iburyo ? Murabona ibaba Rye risongoye ? Ni ibyavuzwe neza neza. Kandi dore ibazwa ry'ibibazo byo muri Mexique n'iby'ahantu hatandukanye aho iyo foto yafatiwe. None, iyo nzobere y'umuhanga igerageza kwegeranya amakuru yose ashoboka arebana n'ifoto n'abantu bafite ifoto. Arimo kwiga ibyo.

65 None, avuga aha ko bidashoboka ko byaba igicu, kuko ubuhehere ntibujya hejuru ya hafi… navuga, hafi kuri mayilo esheshatu cyangwa umunani z'ubutumburuke [metero 12.872. Usobanura.], ikintu runaka nk'icyo. Iyo tugiye hakurya y'amazi magari, ubusanzwe tuguruka kuri futi ibihumbi cumi n'icyenda by'ubutumburuke [metero 5.791,20 - Usobanura.]; icyo gihe, tuba turi hejuru y'imiyaga y'umugaru, inkuba n'imirabyo. Ariko icyo Gicu cy'ubwiza, dushingiye ku nkuru y'iyo nzobere y'umuhanga, kiri kuri mayilo makumyabiri n'esheshatu [metero 41.834. - Usobanura] z'ubutumburuke. Byari biri kuri za mayilo na za mayilo hejuru y'ubuhehere. Kandi yavuze akusanya amakuru mu karere… Kandi none, murabizi, njyewe… Ni bangahe bibuka ko nari narababwiye ko ibyo bizakubita nk'urusaku rw'indege irenze urukuta rw'ijwi? Murabibuka? Ariko ntihari hari indege mu gace. Ni byo byanditse aha mu gitabo. Bagenzuye ibyo. Ntihari hari indege hejuru aho. Kandi ikindi kandi, ibyo ntibyabashaga… Icyo gihu inyuma y'indege n'umwuka gusa ukwirakwira, w'ubuhehere. Kubw'ibyo, gitangwa n'icyo kintu, nk'indege ya moteri. Iyo irekuye ibyuka, itanga ubuhehere mu kirere. Ibyo ni ibitabura kubaho igihe cyose indege ya moteri izaba ikiriho, kuko ibyo bigomba… Ni byo irekura. Maze ubuhehere bukaboneka.

66 Ariko ngi cyo, kuri za mayilo hejuru y'ahabasha kuba hari ubuhehere, kandi ntihari hari indege mu gace. Kandi hejuru aho, ntihabashaga kuba ubuhehere buri aho hejuru uwo munsi. Ibyo bipimo mayilo mirongo itatu z'ubugari [metero 48.270], mayilo makumyabiri n'esheshatu z'ubujyejuru [metero 41.834]. Murabona? Rwose ikintu kimwe, byari iyo foto, igihe, hashize imyaka myinshi, narababwiye, nti "Marayika w'Umwami yasaga nk'Inkingi y'Umuriro," mbere y'uko ifoto ifatwa. Imana yakoze ku buryo ubumenyi bwa gihanga bwemeza ko ari ukuri. Kandi dore ko ibihura n'ubuhanuzi bwatanzwe, Imana yakoze ku buryo ubumenyi bwa gihanga bwemeza ko ari ukuri. None, tugeze he? Nifuzaga kugumana ibi, kuko birashoboka ko njyewe - mbwira inshuti ya njye iri aha muri iki gitondo kugira ngo - kugira ngo yandike ibyo Bimenyetso Birindwi. Byajyaga gushoboka ko yakwifuza kwifashisha ibi muri ibyo. Kandi kubw'ibyo, mwebwe abafite kopi y'ibyo… none, none niba muyifite, muyigumane nk'igihamya cyo kureberwaho. Murabona?

67 None, arifuza kumenya, ariko ni iki ibyo byamara kujya kumubwira ibyo? Yabiseka. Yabiseka gusa rwose. Kubw'ibyo, ntitukajugunye imaragarita zacu dutyo. Ariko turabizi, itorero rirabizi, Imana Izi ko ari ukuri.

Kandi rero, igihe nasengeraga ibyo, nibaza ibyajyaga kumbaho, kandi muzi aho nari ndi? Mu majyaruguru ya Tucson, iburasirazuba bwa Flagstaff, bijyanye n'icyerekezo, neza neza ahantu nari nababwiye ko najyaga kuba mperereyemo, amezi menshi y'uko ibyo bibaho. Kandi neza neza, dushingiye kuri iki kinyamakuru n'ibinyamakuru - n'icyo kinyamakuru gisohoka buri gihe, ndetse n'ubuhamya bwacu bwite, ni aho neza neza ibyo byabereye. Imana iratunganye ku buryo bwuzuye kandi ntibasha kubeshya. Kandi ibyo bizabaho. Murabona?

68 Mwibuke ko mu mfatamajwi (bande) "Mugenzi wa njye, ni gihe ki?" nari navuze kuri ibyo, ngira, nti "Mwibuke, ikintu runaka gikomeye kiri hafi kubaho." Kandi none, byaragaragaye ko igihugu cyose kibihamya. Ibinyamakuru byose by' "Associated Press," na kimwe mu binyamakuru byacu bikomeye cyane, n'abandi bose barabihamya, kandi ntabwo na none birarangira. Ariko mbega ubwoko bwagiriwe ubuntu bukomeye, ubwoko bwagiriwe ubuntu bukomeye ko ari Abakristu, bwo kumenya ibyo muri iki gihe cy'umwijima, mu gihe dushingiye ku bumenyi bwa gihanga, nta cyizere gihari, hari igisasu cya kirimbuzi kidutegereje. Kandi ntacyizere cy'amadini yacu cyo kubasha kuba umwe; arishyirahamwe n'ikimenyetso cy'inyamanswa… Kandi igihe ibyiringiro byacu byose by'ubukungu bwacu bikendereye gutya, kubyerekeye ubumwe bwa gikristu mu madini… Ibyo birinjira biboneje mu bugatorika, buzaba ikimenyetso cy'inyamanswa, mu ihuriro ry'amadini.

Ariko ni abakunda Imana n'abategereje icy'ukuri ari cyo… Imana ubwa Yo yatanze isezerano muri Bibiliya, Yohereza ikintu mu maso yacu kandi Igakora ku buryo itorero, abantu, ubumenyi bwa gihanga, ibinyamakuru, n'ibindi byose bimenya ko igihe cyose ari Imana kandi ko Ibasha gusohoza isezerano. Mbega igihe!

69 Rero, muri icyo gitondo mu mukoki Sabino, narasengaga kandi nibazaga ibyajyaga kubaho, nari mfite ibiganza bizamuwe byerekeye ku Mana, ku gasongero k'impinga y'uwo musozi, maze iyo Nkota yaguye mu kiganza cya njye; Yari ifite ikirindi gikozwe mu maragarita n'igikinga hejuru, n'icyuma cy'ubugi kirekire gifite hafi ifuti eshatu [santimetero 91,44. Usobanura] z'uburebure, kandi yararabagiranaga nk'icyuma gikata ibyungo by'ibyuma cyangwa - cyangwa ahubwo nk'icyuma kirabagirana, ityaye nk'urwembe; kandi sinarinzi ibyo ari byo. Nuko naravuze, nti "Mfite ubwoba bw'ibi bintu."

Kandi rwose icyo gihe, Ijwi riravuga kandi rinyeganyeza umukoki, rivuga, riti "Ni Inkota y'Umwami." Kandi Inkota y'Umwami, ni Ijambo ry'Umwami. Kuko Ijambo ry'Imana riratyaye cyane kuruta inkota y'amugi yombi.

70 Hanyuma mu kugaruka kuri ibi… Na none, muri icyo gihe, mwene Data w'umusore kandi w'umuntu mwiza aha mu itorero, kandi ni u… Yari umusirikare kandi yari yashawnyagujwe hafi burundu n'intwaro, kandi yari arambaraye nk'umupfu; kandi avuga ko yari afite… Ntibari bafite… Abaganga ntibizeraga ko yajyaga kubaho kandi ko ntacyo byari bimaze guta igihe kuri ibyo, yari anegekaye cyane. Imyakura fatizo y'ukuguru kwe yari yacitse n'akaganza ke kari hafi burundu kuvaho, ukuguru kwe… ukuguru kwari kwatemwe n'ibindi byose. Ariko umunsi umwe, Imana yagize ubuntu kandi Yaramutabaye maze Iramukiza.

Mwene Data Roy Roberson, yari ahari igihe iyo foto yafashwe aho i Houston; umugore we yari yarabwiwe kubw'iyerekwa icyo yari yarakoze uwo munsi, ko yari afite uburwayi, ariko ko ubwo bwajyaga gukira. Kandi ibyo bimugira uwizera. Ariko we yari umusirikare, yari ku buryo runaka u… (ndizera ko ambabarira kuvugira ibi ku… ) uko umuntu arushaho - umuntu ukaze, w'igitinyiro; utanga amategeko (murabona?) mu ngabo nk'umuyobozi, yavugaga n'agasuzuguro, avuga, ati "Kora biriya." Murabona? Kandi we - uko biri kose yarizeye. Ariko mu kuza buri gihe ku itorero no mu kubona ibidasanzwe, yaravuze, ati "Nizeye ibyo, ariko n'iby'undi muntu."

71 Umunsi umwe, Umwami aramukangura, igitondo kimwe. Twari twicaye, we na njye; ibyo byasaga n'ameza y'ifunguro Ryera ry'Umwami i Yerusalemu, kandi naravugaga. Ntiyabashaga gusobanukirwa ibyo. Kandi Mwene Data Roy wicaye aha arimo kunyitegereza ubu rwose, yabonye ibyo. Kandi yarampamagaye

muri… aho muri Arizona… cyangwa ahubwo yanyoherereje ibaruwa kandi namusubije nkoresheje telephone. Yaravuze, ati "Mwari mwicaye aho, mwene Data Branham, kandi nabonye iyo Nkingi nini y'Umuriro yinjira, irabafata kandi ibajyana ku meza y'Umwami, kandi mwagiye mwerekeje Iburengerazuba." Kubw'ibyo, yari yicaye iruhande kandi, ambona ngenda nerekeje Iburengerazuba, kandi uwo Mucyo warinjiye maze urantwara.

Yavuze ko byari igitondo kimwe, byari bimeze nk'iyerekwa. Yabyutse mu gitanda cye mu ma saa cyenda cyangwa saa kumi za mugitondo, hafi aho, kandi yabonye ibi bibaho. Kandi yavuze ko yateye hejuru n'urusaku wakavuze igihe cy'iminsi, ati "Mwene Data Bill, mugaruke." Kandi Roy na njye muby'ukuri turi abavandimwe. Turabana, duhiga turi hamwe kandi muby'ukuri turi abavandimwe. Kandi We - yasabaga ko naza n'urusaku rwinshi kugeza ubwo yari yasaraye, avuga, ati "Mugaruke! Mumugarure. Mumugarure." Yavuze ko yateye hejuru n'urusaku, ko njyewe… Iyo nkingi y'Umuriro rero yaragarutse, ahubwo Igicu cy'ubwiza cyaragarutse, kandi Cyanshyize ku buyobozi bw'ameza kandi nari nahindutse. Byari ubwiru kuri mwene Data Roy, kubera ko nari nahindutse, mfite imiterere itandukanye. (Ngumana ibi aha kubw'ikintu runaka nifuzaga kwiyibutsa.) Muguhinduka… (igihe nzamuhera insobanuro z'ibyo.)

72 Byari mbere y'uko ngaruka kubw'Ibimenyetso Birindwi. Igihe nagarutse kubw'Ibimenyetso Birindwi, icyo gihe njyewe… Igitondo kimwe, yashyize ikiganza kuri Billy kandi yifuzaga kuvugana na njye. Ariko nari mpuze ndi mu masengesho kubw'Ibimenyetso Birindwi, kandi rero avugana na njye… Ibyo byongera kubaho, kandi biba bityo na none. Mwene Data Roy, niba ntavuga ibi ku buryo butunganye, ubimenyeshe. Kandi avuga ko yongera akabyuka mu gitondo, na none ndatekereza kare mu gitondo, maze akareba aho mu cyumba, abona uwo Mucyo munini cyangwa ahubwo Igicu cy'ubwiza ku musozi. Vuba aha rwose, Yarambajije, ati "Hariho ikintu runaka gifitanye isano n'Igicu cy'ubwiza ku musozi?" Nuko naramubwiye, nti "Muri Bibiliya."

Kandi naramubwiye, nti "Ni byo, igihe Petero, Yakobo na Yohana bajyanwa kandi Igicu cy'ubwiza cyari cyatwikiriye Umwami Yesu. Nuko Imana Iravuga, igira iti "Uyu ng'uyu ni Umwana wa Njye nkunda." Nabwirije kuri ibyo aha vuba aha, ubutumwa bugufi; bene Data bashinzwe imfatamajwi (bandes) babasha gusobanukirwa "Mumwumvire." Ndatekereza birashoboka ko mufite ibyo ku mfatamajwi (bande). Ndabizi neza.

73 Kandi avuga ko yazamutse ku musozi. Kandi igihe yagezeyo, nari ndi aho mpagaze. Nuko Ijwi ryasohotse mu Gicu cy'ubwiza (si ko biri, Mwene Data Roy?) Kandi ryavuze ikintu runaka nk'icyo, riti "Uyu ng'uyu ni Umugaragu wa Njye. Naramuhamagaye kugira ngo abe Umuhanuzi w'iki gisekuru, kugira ngo ayobore ubwoko neza neza nk'uko Mose abikora. Kandi Ubutware Yarabuhawe. Abasha kurema akoresheje Ijambo." Ikintu runaka nk'icyo Mose akora, nko guhamagara isazi. Kandi tuzi ikintu runaka kubyerekeye inkima n'ibindi, kimwe n'ibintu byigeze kubaho, Hattie Wright muto aho inyuma, ndatekereza, azi ibyabaye iwe. Kandi Imubwira ko nakoze ibyo Mose yari yakoze.

74 Kandi njyewe Yambwiye ibyo ngarutse mvuye mu kagendo k'ubutembere. Kandi mu bitekerezo bya njye, nafashe icyemezo cyo kujya kwa Bud, kuko ameze nabi arwaye ruguru iyo, nk'umuhigi.

Mbere y'uko mva aha, nabasha kongeraho ibi. Kandi turi bwihute. Nagize inzozi zisekeje, inzozi zidasobanutse. Kandi ndizera ko, niba muramu wa njye aguye kuri ibi, ibyo ntibikomeretsa amarangamutima ye. Kandi ndizera ko ntari bukomeretse umufasha wa njye, uri Hano wicaye aha. Ariko aziko hashize amezi menshi, rwose aho, none, byari mu byo mu Kwakira cyangwa Ugushyingo ubwo narose ko njyewe - nari ndimo kuzerera mu mwijima, kandi njyewe… None, njyewe - sinarinzi aho njya kandi nta muntu wari unyitayeho. Nari nahindutse inzererezi, nta kindi usibye inzererzi. Kandi nari mfite imbeho, kandi nitegereje kure kandi nabonye umuriro. Kandi igihe nageze aho, byari ikirundo cy'ibishingwe by'umugi. Kandi hari hari ibyobo, kandi umuriro wari uri muri ibyo byobo. Kandi hagati y'ibyobo, hari hari ahantu haringaniye aho inzererezi zaryamaga kugira ngo zirindire ku bushyuhe (birinde imbeho) hagati y'iyo miriro kubw'ijoro rikonje ryo mu gihe cy'ubukonje. Kandi njyewe nari mfite imbeho. Nuko njyewe negereye uwo muriro kubwo kwishyushya, kandi hari huzuye inzererezi ziryamye, kandi bari bari… Sinabonye n'umwe, ahubwo bari bafite bose ahantu hagenwe cyangwa ahantu hari uburyamo bwa bo. Kandi nabonye muramu wa njye, Fletcher Broy.

75 Kandi ndibuka Fletcher. Yari umwana mwiza. Ariko ibi byajyaga kubasha kuba isomo ku bana bato. Ndibuka umusore muto witwa James Fletcher Broy, hashize imyaka mike, yagize inshuti mbi, yafashe ikirahure cya mbere. Ndibuka ko yampamagaye ari inyuma y'amarido (rideaux), iwanjye. Kandi ise uri mu ikuzo hashize imyaka myinshi, yari ari aho kandi yari yafashe gitari, kandi yararirimbaga, ati "Ku gasozi kitaruye hari hahagaze umusaraba ukuze ukomaguye."

Nuko Fletcher yarampamagaye inyuma; yaravuze, ati "Mwene Data Bill, Unsengere. Umva agace k'indirimbo papa arimo gucuranga, kandi nanyoye inzoga uyu munsi."

Nuko naravuze, nti "Fletcher …" Umwana w'umuhungu ufite imyaka hafi cumi n'umunani; naravuze, nti "Ntukanyure muri iyo nzira." Nyamara ntiyanyumvise. Yarakomeje; Yahindutse umusinzi gakushwa. Kandi umugore we yaramutaye, abana be… Kandi ubu, ni… kandi Imana Izi ko mukunda.

Nagiye gusenga ku bwe, muby'ukuri ni inzererezi. Nagiye gusenga ku bwe vuba aha; yari yakomeretse, mu gihe nari ndi aha kubw'Ibimenyetso Birindwi. Naravuze, nti "Fletcher, mfite aho imyenda ijyanye mike nifuzaga kuguha." Yaravuze, ati " Ntubikore, mwene Data Bill."

Kandi njyewe narinzi ko yari adafite imyambaro. Kandi naravuze, nti "Kubera iki udafata iyo myambaro?" Yaravuze, ati "Oya, oya." Nuko yaranyitegereje kandi yaravuze, ati "Urabona, uzi icyo nazayikoresha: kuyitangaho ingwate kugira ngo nsinde."

Kandi naravuze, nti 'Ngiye kuguha udufaranga duke, Fletcher."

Yaravuze, ati "Oya, ntubikore, Mwene Data Bill. Njyewe - sinshaka ko ukora ibyo." Urebye, ni umuntu w'ukuri, ariko yahindutse umusinzi wishwe n'inzoga kandi inzerezi. Kandi umugore we yafashe inzira mbi. Kandi, oh! Byose byageze kuri uwo muntu w'umukene wo kubababarirwa.

76 Kandi igihe nakangutse… Mbere y'uko nkanguka, Fletcher yarambwiye, yavugiye mu nzozi… Yaravuze, ati "Billy, ngiye - ngiye kugushakira umwanya, mwene Data Bill. Wagaburiye abana ba njye igihe bari bafite inzara." Yaravuze, ati "Wari se kuri bo. None, ngiye kugushakira umwanya aha kugira ngo wirindire ku bushyuhe." Kandi twanyuze hafi y'ahantu hari hari inzererezi, nuko hanyuma twageze ahantu, yaravuze, ati "Ngiye kwicara aha." Kandi naravuze, nti "Ngiye kujya hariya kandi ndebe niba nabasha kubona umwanya."

Nuko naragenze kandi naritegereje mu ijoro ry'umwijima kandi rikonje. Maze naribwiye, nti "Bitekereze ho. Ikindi gihe, Imana ishobora byose yari yampaye uburenganzira bwo kuyobora Itorero rya Yo. Ikindi gihe, yari yaranyemereye kubwiriza Ubutumwa bwiza bwa Yo no kubona ubugingo bukizwa. Abagabo n'abagore bazaga baturutse mu isi yose kugira ngo bagirane umubonano w'iminota mike na njye. Kandi dore ndi aha ubu, inzererezi; ntamuntu n'umwe unkeneye. Kandi mfite imbeho. Ariko ni iki ngomba gukora?" Hanyuma, narakangutse.

77 Natekerereje ibyo umugore wa njye; naravuze, nti "Birashoboka ko ibyo bisobanura ko Fletcher afite ibyo akeneye." Icyo gihe twarihuse kugira ngo turebe niba twabasha kumubona. Kandi mwene se aramubona. Yabaga aha mu i … hamwe n'aba "Weidners," aho abantu bacururiza amafarashi n'ibindi byose; yari aryamye mu nguni y'igihangara babikamo ubwatsi cyangwa ikintu runaka nk'icyo. Nuko nagiyeyo. Naribwiye, nti "None, ngiye kugomba kuzibukira ikintu."

Kubw'ibyo, nagarutse rero mvuye muri Canada hamwe na Fred n'abandi undi munsi. Kandi mu mutwe wa njye, hari hafashwe icyemezo kigira, kiti "Niba aba bantu batarashatse kumva Ubutumwa bwa njye, ni byiza cyane, ntabwo bari bategetswe kubwumva." Dore hashize hafi imyaka 35 mbwiriza. Kandi imyaka 15, 18 ya nyuma, nakoze gusa… Umwami… nagerageje kuba bugufi Ye no kutagira icyo mvuga keretse akimbwiye mbere na mbere. Ikintu cyose…

78 Abantu baravuga, bati "None, niba mwene Data Branham ababwiye ko azaza, mwibuke, mushake uko mwagira iteraniro, kuko azaza mu Izina ry'Umwami. Ntacyo azakora, mbere y'uko Umwami Avuze…" Ni iby'ukuri. Narategerezaga kugeza aho Avuganiye na njye. Sinanyeganyegaga kugeza aho Avuganiye na njye. Kandi na none, byari bimeze bityo muri ayo mezi make ya nyuma, ntiyingeye na mba kumbwira aho kujya.

Mu gihe nari ngarutse nturutse muri Canada kandi Fred yaravuze … ahubwo mwene Data Roy yantekerereje inzozi ze, mu gihe we, mwene Data Banks na njye twatwaraga imodoka hamwe, rwose mbere y'uko dutandukana.

Nuko hanyuma, ku munsi ukurikiyeho twagiye kwa mwene Data Fred, kandi umuhungu we, Lynn, ntiyari ari imuhira, kandi ntiyabashaga rero kuduherekeza. Nuko we n'umugore we bagombaga gutegereza. Yafashe umugore we aho i Rosewood, cyangwa ahubwo - cyangwa ahubwo i Melrose, muri Saskatchewan.

Nuko Billy na njye twagarutse mu modoka y'ikamyonete ya mwene Data Fred. Uwo mugoroba, twagenze igice kinini cy'ijoro n'umunsi ukurikiyeho. Nuko, umunsi ukurikiyeho mu gitondo, twavuye i Helena, muri Montana, kandi twari twegereye umupaka. Kandi njyewe - mbasha kuba maso kugeza hafi ku masaha 9, hanyuma nkagira ibitotsi. Ngomba gusinzira. Kandi Billy, we, akunda gusinzira kugeza mu ma saa yine (10h), umunsi ukurikiyeho, ku manywa y'ihangu. Kubw'ibyo ibyo bituma ari ibishimishije cyane igihe dukora urugendo.

79 Njyewe - nakangutse mu ma saa kumi (4h) kandi natangiye gutwara imodoka. Kandi Billy yari asinziriye. Twageze ahantu runaka nuko naratekereje, nti "Uzi iki? Umwe muri iyo minsi, igihe nazabasha kuzana umugore wa njye ruguru iyo… Kandi ntabwo nzamubwira icyo ngiye gukora. Ahubwo nzajya ruguru iyo. Maze rero nzamubwira, nti "Mu by'ukuri nkunda rwose aha hantu, ntacyo bimaze ko twajya ahandi. Twigumire rwose aha." Kandi ni kure y'iterambere, kuri mayilo 1100 [Hafi kilometero 1770. Usobanura] urebeye ahantu hose, mubona, iyo mu mashyamba y'inzitane. Naribwiye, nti "Mugenzi wa njye, ntibizaba ari byiza? Sinzaba nkikeneye kwiyogoshesha, kandi njyewe - sinzaba nkikeneye gukora

isuku ihambaye. Kandi nzibera gusa - umuntu wo mu misozi usanzwe, icyo nifuje igihe cyose kuba cyo.‟ Nuko naravuze, nti ″Nzishakira imbunda nkeya, kandi abantu bamwe bazampa… Kandi nzibera umuyobozi wo mu mashyamba ku buryo mutigeze na rimwe mubyumva babivuga. Nzikundira ibyo. Hanyuma, niba Umwami ansabye kumanuka kubwira umuntu ikintu runaka, nziruka nkimubwire, hanyuma ngaruke. Kandi nzafasha Bud, kandi tuzaba dufite muby'ukuri ahantu heza aha.‟ Natekerezaga ibyo.

80 Twagiye muri resitora gufata ifunguro (ahantu hato mu misozi) mu ma saa moya (7h). Amasaha yasaga n'akuze, nuko nakanguye Billy. Risansi yari idushiriyeho, byari ngombwa rero kuyigura, nuko twagiye aho hantu hato, iyo resitora ntoya. Kandi igihe twari turi aho, umuntu yaraje aturutse mu rundi ruhande rw'umuhanda, birashoboka yasaga n'ukuze buhoro kurenza njyewe, ariko kuri njye yagaragaraga nk'umugabo. Yari yambaye isarubeti, agakoti gato kamufashe, inkweto ndende z'abagendera ku mafarashi, ingofero yirabura, ubwanwa bwo hejuru burebure bwatenderaga mu maso gutya (bwererana nk'urubura), n'imisatsi yamutenderaga inyuma, munsi y'ingofero ye. Naratekerezaga, nti "Kuri njye aragaragara nk'umugabo," ntiyari umunyantege nke, umunebwe; yari afite ikigoma cy'itabi gifite hafi ubu burebure mu kanwa, yicaye, mu ikabutura yagose urugo rw'imbere cyangwa ikizenga cy'amazi bogamo, inda ya nyakubahwa y'iburasirazuba, kimwe… Mumbabarire iyo mvugo. Ariko uko biri kose, kuri njye umuntu yagaragaraga nk'umugabo: ukomeye, w'imbaraga. Ni nk'aho yabaga ahantu Imana yari yarageneye umuntu kuba. Kandi naramutangaririraga.

81 Yinjiye muri resitora kandi yatumije utugati turimo amagi. Hari hafi abantu cumi na batanu, makumyabiri. Yagombye kwitsamura. Muzi uburyo abantu bamwe [mwene Data Branham yigana ukwitsamura afunga umwuka. - Usobanura] … (Mumbabarire.) Ariko arekura ukwitsamura gutera urusaku rukomeye, rw'ubuzima bwiza, ku buryo bw'abantu bo mu mashyamba: "Aaa - tchoum!" Oh, ra ra! Byari nk'aho hari hari inkubi y'umuyaga wo mu majyaruguru. Kandi igihe abikoze, nta muntu utinyuka kuvuga icyo ari cyo cyose. Rwose nta We. Naravuze, nti "Billy, dore umugabo uhuje n'uko umutima wanjye ushaka." Yaravuze, ati "Oh! Papa ntiwifuzaga kumera nka…" "Ni cyo… Ni njyewe mu gihe kizaza." Murabona? Naravuze, nti "Ni njye."

82 Kandi nicaye aho akanya gato, kandi Billy yaranyitegereje, hanyuma yakomeje kurya imigati ye irimo amagi. Kandi njyewe - nari narangije iya njye. Iminota mike inyuma, hari hari umuntu mu modoka imbere, rwose iruhande rwacu, hamwe n'imbaho muri icyo cyerekezo, inyuma y'ikizuru cy'imodoka, sinabashaga kureba impande zose; umuntu arahaguruka, ufite neza neza isura ya njye, ufite hafi imyaka mirongo irindwi n'itanu, umugabo mugufi kandi muto rwose, kandi imyambaro ye y'ubushwambagara yari imufashe. Kandi umuntu wari uri kumwe na we, yari Fletcher Broy wagiye araza, n'imisatsi y'ikigina imunagana ku maso. Maze Billy yaritegereje impande zose kandi yaravuze, ati "Papa, ni nka we na Fletcher." Mubasha gutekereza uburyo numvise merewe. Kandi akagabo gato kasaga na njye karasitara. Mwebwe… Kandi bari bahoze ku muriro w'ikigo, bari barenzweho bose n'umwotsi, mu maso habo hasaga nabi. Ndatekereza ko ifunguro rya bo rya mu gitondo, muri rusange… Uwo muntu yagombye kwishyura amasantimu makumyabiri, birashoboka ku gakombe k'ikawa cyangwa ikintu runaka nk'icyo. Umutima wa njye waransimbutse. Kandi naritegerezaga. Maze Billy yaravuze, ati "Ni iki ufite?" Naravuze, nti " Nta na kimwe." Kandi nitegerezaga ibyo. Hanyuma abo bantu bagiye aho kandi baragiye. Yaravuze, ati "Papa, ni iki gihari?" Naravuze, nti "Nta na kimwe" Nuko yuriye mu modoka. Naravuze… Yaravuze, ati "Biragutera ibibazo kongera gutwara imodoka?" Naravuze, nti "Oya." Yaravuze, ati "Ndacyafite ibitotsi."

83 Kubw'ibyo, yarisinsiriye, kandi nagenze buhoro mu muhanda, kuri mayilo hafi 55 ku isaha [hafi kilometer 90 ku isaha. - Usobanura.] mu modoka y'ikamyoneti, mu misozi, twegera umupaka, aho aherekeye… mu gusubira muri Arizona, ariko negeraga icyo gihe Utah. Kandi kubera ko nari mpageze, rwose mu kumanuka imisozi, hafi kuri mayilo 20 [kilometer 32, 18. Uhindura.] z'umujyi… Rwose nk'ibyo… Mwigeze kumwa mvuga ibyo, nk'uko nabibabwiye, uhereye igitondo cyabayemo inkima n'ibyo bintu byose, uburyo ikintu runaka… Umuntu atangira kumbwira, n'ijwi neza neza nk'uko mwumva irya njye. Nziko ibyo bisa n'ibitabagwa neza. Ariko, nk'uko maze kubivuga, nti « Nigeze kubabwira icyo ari cyo cyose kitabaye ukuri ? » Nuko Ijwi ritangira kuvuga. Nvuganaga na Ryo.

Ryaravuze, riti «Sohoza imigambi ya we kandi uzamera utyo. » Naravuze, nti « Mwami, sinifuza kumera ntyo. »

Ryaravuze, riti « Umugore wa we azajya yo na we. Ntazifuza kuba ruguru iyo muri iyo misozi gutyo. Kandi uzahinduka inzererezi nk'uko inzozi zabikwereste.‟

Naravuze, nti "Sinifuza kumera ntyo, ariko njyewe - sinifuza guhatirwa kubaho ntyo. Njyewe - ndifuza gukora ikintu runaka kindi. Ariko bambwiye ko Wampamagaye kugira ngo mbe umuhanuzi, kandi ndifuza kwibera mu butayu kimwe n'abahanuzi." Ariko nifashishaga urwitwazo rwa njye bwite kugira ngo mbashe kwigira guhiga, inyungu ya njye bwite.

Nuko Yaravuze, ati " Ariko ibyo, byari abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera. Wahamagawe gukora umurimo aho urenze cyane ibyo." Yaravuze, ati "Icyongeye kuri ibyo, ufite impano nyinshi; wahamagariwe gusengera abarwayi no kubwiriza Ubutumwa bwiza ku buryo - ku buryo bw'intumwa, uzi

ibintu bikomeye cyane, impano nyinshi zikomeye." Yaravuze, ati "Kubera iki utegereza ko ngusunika igihe cyose ari ngombwa kujya imbere? Ingororano ya We iri he? Nuko narasobanukiwe. Hanyuma yarambwiye, Iti " Uribuka? (Navuganye na we ejo hashize.) Uribuka ibyo mwene Data Roberson yakubwiye mu nzozi zawe, mu nzozi ze cyangwa ahubwo iyerekwa rye? Ko wakoze nka Mose, watakaje imbabazi ku bwoko bwa We. Wibagiwe umuhamagaro wa we, kubwa Njye."

84 Nasize abarwayi barambaraye. Ndifuza ko Umwami ambwira aho najya n'aho ntajya. Ni ikosa. Niteye ikibazo, kubera ko abantu batumvaga Ubutumwa bwa njye. Kandi niba mushaka… Kandi ku Mana nta gishimisha, nagerageje kugereranya ubuzima bw'uyu munsi n'ubwa Mose, ariko neza neza ni cyo Mose yakoze. Abantu ntibifuzaga kumwumva igihe yagiye kubabatura, rero rwose yarabasize, hanyuma yigira mu butayu, ariko Imana yaramuhindukije. Kandi yari yaribagiwe umubabaro w'ubwoko igihe kirekire.

Nuko rero naravuze, nti "Mwami, niba… ni buryo ki nabasha… Ni iby'ukuri. Ntamashuri usibye ay'urwego rw'amashuri abanza, kugira ubushobozi… Kandi abantu bahagarara ku murongo kandi ahantu hose kubwo - kubwo kumva Ubutumwa bwiza buciye bugufi." Nta gaciro bigifite; ni ibintu bihebuje cyane uyu munsi ko byari bimeze bityo mu gihe cy'isezerano rya kera. Yazamutse mu Ijuru kandi yahaye impano abantu, murabona, Yesu Kristo uko yari ari ejo, ni ko ari uyu munsi kandi ni ko azahora iteka ryose. Kubw'ibyo naravugaga kandi numvaga Uwo amvugisha. Hanyuma Uwo yansize aho.

85 Kandi naravuze, nti "Billy."Ariko, yari asinziriye ari kure. Naravuze, nti "Billy, yari wowe?" Kandi rwose ntabwo yakangutse.

Nuko naribwiye, nti "Mwami Mana (nagenjeje buhoro imodoka), ni iki ibi bisobanura?"

Kandi naravuze, nti "Billy, Billy."

Yaravuze, ati "Ni iki wifuza?"

Nuko naravuze, nti "Wamvugishaga?"

Oya, kubera iki?

Maze naravuze, nti "Ndifuza kukubwira ikintu runaka. Vuba aha, nagize inzozi. Uribuka kuba wabonye uriya muntu wasaga na njye [n'undi wasaga] na Fletcher? Ubaze mama wa we igihe uzagarukira i Tucson; namutekerereje izo nzozi. Kandi Billy, harimo kubaho ikintu runaka. Kirimo kirabaho ubu. Ikintu runaka Cyamvugishaga, kandi njyewe - natekerezaga ko yari wowe."

86 Aranyitegereza nk'utabihaye agaciro, hanyuma ategereza akanya gato. Twakomeje gutwara, nuko iminota mike… yarongeye na none arasinzira. Kandi natwaraga nibaza, nti "Ni iki ibyo byajyaga kubasha gusobanura?" Nakomezaga gutwara mu muhanda, kandi ibyo… Uwo mwanya, dore icyo Kintu kigarutse kongera kuvugana na njye.

Kandi yaravuze, ati "Garuka. Sinakubwiye, ku itangiriro, ngo ukore umurimo w'umubwirizabutumwa ? Igihe naguhamagaye hariya ku mugezi, sinakubwiye, nti « Nk'uko Yohana Umubatiza yoherejwe kugira ngo abe integuza yo kuza kwa mbere… Yohana ntiyari arenze umuhanuzi ? » Yesu yarabivuze We ubwe, ati « Mwagiye kureba iki, umuhanuzi ? » Yaravuze, ati « Arenze umuhanuzi. »

87 Nuko ibyo byose byatangiye kungaruka mu bitekerezo. Natangiye kwibaza ibibazo. Hanyuma, Yanyibukije na none u - ubwoko. Ku buryo ki, nkora icyo Mose yari yakoze, ni buryo ki Mose yabashaga kugera ku bwoko mu butayu ? Kandi ni buryo ki nabashaga kugera ku bwoko mu butayu ? Neza neza ni kimwe. Rero ibyo binjyana muri II Timoteyo 4. Muribuka igihe Tweguriye itorero Umwami mu kuritaha icyo gitondo, hashize imyaka mirongo itatu (bamwe muri mwe, abakuru), igihe Yanyeretse bya biti kandi nari narabiteye impande zombi ? Muribuka ibyo ? Muribuka iyerekwa. Byose byanditswe mu bitabo kandi biri ku mfatamajwi (bandes) n'ibindi byose. Byabayeho hashize imyaka myinshi, uburyo nari nabibonye, kandi nta na rimwe njyewe - sinahuje aba « Unitaires » n'aba « Trinitaires.» Nahagaze hagati yabo kandi nateye ibyo biti, kandi ibyo biti byombi byari byo byonyine byeraga imbuto. Kandi njyewe… Ibyo biti byose byarakuze kugera hafi ku ifuti mirongo itatu [metero 9,144. Usobanura] Kandi byarahagaze. Ibyo ngibyo byakuze bigororotse rwose byerekeye ijuru. Natemye ishami rimeze kimwe … Murabona? Rimwe ku ruhande rumwe irindi ku rundi, kandi narayatemye. Mwibuke iyerekwa. Murabona? Byanditswe mu bitabo kandi ni mu mateka y'ubuzima bwa njye n'ibindi byose. Kandi byazamutse bigororotse mu ijuru gutyo, byihuta. Kandi Yaravuze, ati "Rambura ibiganza bya we maze usarure imbuto." Nuko rero natahuye ko zari imbuto zimeze kimwe n'iyariri ku musaraba igihe nagiyeyo niruka. Kandi Yaravuze, ati "Ukore umurimo w'Umubwirizabutumwa. Ugaragaze ku buryo bwuzuye igihamya cy'ubukozi bwa We Igihe kizagera ubwo abantu bazaza batazihanganira na mba inyigisho nzima. Nuko ntuhagarare. Ukomeze." Ibyo byose byagarutse mu bitekerezo.

88 Kandi na none ndibuka uwo Marilyn Monroe, umukobwa nabonye apfa hafi icyumweru kimwe mbere y'urupfu rwe, kandi uwo abantu bari bavuze ko yari yiyahuye, mu gihe atari ko byari bimeze. Nabwiye abantu ibyo mbere, ibyajyaga kubaho, kandi ibyo byabayeho; nk'uko bibaho bityo aho kuri abo

bateramakofe, ko umwe yajyaga kwica undi. Nibeshye umukobwa. Ni undi mukobwa, aho. Mubyara we, ni - ni Danny Henry. Yitwa nde? Jane Russel. Mubyara we, umusore w'umubatisita…

Kandi nabwirizaga i Los Angeles, ku ifunguro ry'amanywa ry'Abacuruzi, kandi nqvugaga aho ikintu runaka kuri ayo madini, handi aho hari hari umuyobozi mukuru wa za "Assamblées" kandi benshi mu bikomerezwa bikomeye bari bahateraniye. Kandi maze kuvuga, natangiye kuva ku ruhimbi, nitegura… Kubw'ibyo, ubutumwa bwari burimo gutangazwa mu gihugu na radiyo, kandi twagombaga guhindura umurongo. Mu gihe cy'iryo hinduka, igihe bahagarikaga radiyo, kugira ngo batangaze rero ubwo butumwa, kandi ibyo,… kugaruka kumenyesha isubiraho ry'umurongo, kandi nari ndi i Clifton, aho twari dufite igaburo rya mu gitondo… Kandi igihe navaga ku ngazi yo hejuru y'uruhimbi ngo njye ku ngazi yo hasi, umusore mwiza kandi w'ikirenga, ufite hafi imyaka mirongo itatu, ariruka kandi arampobera mu maboko ye. Aravuga, ati " Nitwa Danny Henry." Kandi ntazi ko yari umuvandimwe we wari ushinzwe gutangaza amajwi. Kandi nyuma banyuza Abacuruzi b'Abakristu kuri televiziyo. Kandi Jane Rusell, umukinnyi w'imena wa sinema, ni mubyara we. Nyina w'uyu ng'uyu ni umubwirizabutumwakazi w'umupantekote.

89 Kandi hanyuma, igihe njyewe… Yatangiye kwiruka agana kuri njye, kandi yarampobeye mu maboko ye kandi yaravuze, ati "Imana ibahe umugisha, mwene Data Branham." Yaravuze, ati "Ndizera ko ibi bitagaragara nk'icyaha gikomeye ariko mu gitekerezo cya njye, ubu butumwa bwabasha kuba ari igice cya 23 cy'Ibyahishuwe." Kandi igihe yavuze ibyo, yatangiye kuvuga mu ndimi, umuhungu utari warigeze na rimwe rwose yumva bavuga ikintu nk'icyo, umubatisita dushingiye ku idini rye. Kandi uwo mwanya… ahinduka isura amera nk'urwaye, maze aranyitegereza; ntiyari azi icyo yakora. Hari abantu bicaye aha bari bahari. Mwari muri aho, Fred? Ni bangahe bari bari aho icyo gihe? Ni byo, hari babiri cyangwa batatu aha bari bari aho icyo gihe. Kandi ntiyari azi icyo yavuga.

Nuko hari hari umudamu w'Umufaransa w'igihagararo gikomeye yicaye aho, yarahagurutse, yaravuze, ati "None, ibyo ntibikeneye insobanuro." Yaravuze, ati "Ni igifaransa kitavangiye." Umusore yaravuze, ati "Sinzi Ijambo na rimwe ry'igifaransa." Kandi yari yanditse ibyo yari yavuze.

Kandi hanyuma umugabo wari wicaye mu nguni; yaravuze, ati "Ni byo neza neza. Nanditse ibyo yavuze. Ni igifaransa." Inyuma kure, umugabo mwiza w'inzobe ijya kuba umuhondo yari ahagaze, yegamye ku rukuta, nuko yigiye imbere kandi yagereranije inyandiko. Yari umusemuzi w'ururimi rw'igifaransa w'umuryango w'Abibumbye. Kandi uwo muntu, yari Victor le Doux, w'itorero Arne Vick aho, kandi yari yanditse ibyo. Kandi mfite insobanuro za byo.

90 Murumva ibi, niba nabasha kubisoma. Njyewe, Victor le Doux, ndi Umufaransa utavangiye ku maraso, umukristu wabyawe ubwa kabiri, wuzuye Umwuka wera. Aho mbarizwa, ni: 809, North King Road, Los Angeles 46. Nteranira mu rusengero Bethel, rw'umushumba Arne Vick, umushumba. Ndemeza ko ari insobanuro nyayo y'ubuhanuzi bwavuzwe kuri mwene Data Branham, kandi butangwa na Danny Henry mu gifaransa, kuwa 11 Gashyantare 1961, ku ifunguro ry'amanywa ry'Abacuruzi b'Ubutumwa bwiza Bwuzuye (Homme d'affaires du plein Evangile) Ni insobanuro nyayo y'ubuhanuzi.

Dore rero icyo yavugaga: kubera ko watoranije inzira ifunganye, inzira igoye cyane, ari cyo ugendamo bijyanye n'amahitamo ya We (Noneho, nsobanukiwe, ibyo. Mose yagombye gukora amahitamo ye.) Murabona? Wafashe inzira nyayo kandi iboneye - icyemezo gitunganye, kandi ni Inzira ya Njye ("Inzira ya Njye" iciyeho akarongo; ni Umwuka Wera uvuga aho.) Kubw'icyo cyemezo cy'ingirakamaro, umugabane munini w'Ijuru uragutegereje - uragutegereje. Mbega icyemezo gihebuje… (Noneho, mwumve ku buryo butuje.) Mbega icyemezo gihebuje wafashe! Ibi ubwa byo ni cyo cyazazana kandi kigatuma habaho insinzi ku buryo budasubirwaho mu rukundo rw'Imana.

91 Murebe, inshinga ibanjirije umugereka. Murabona? Igifaransa… None, umusemuzi w'Umuryango w'Abibumbye yasobanuye ibyo, kandi uwo musore ntazi n'ijambo rimwe rya cyo, ntiyigeze na rimwe yumva bavuga - ntiyigeze na rimwe yumva bavuga ikintu nk'icy'ukuvuga mu ndimi. Yari Umubatisita. Ni kubwa tombora yari yinjiye aha, kandi yari yumvise uwo muzika, kandi yavuze ko yegereye aho, yahagaze aho, kandi yanyumvise mbwiriza.

None… "mu rukundo rw'Imana," urukundo rw'Imana… Ni buryo ki ibyo bibasha kuba urukundo rw'Imana niba atari Umwuka Wera? Umwuka Wera, ni Urukundo rw'Imana.

92 None… kandi kubera ko Billy na njye twari dutangiye urugendo, murabona, twatangiye urugendo, Billy yarongeye arasinzira. Kandi Ibyo byarambwiye, biti "Ngiye kuguha ikimenyetso gihoraho."

Naravuze, nti " Mwami, ni ikihe… » Nategereje akanya gato kandi nta cyabayeho. Naravuze, nti "Icyo kimenyetso gihoraho ni ikihe, Mwami?" Nuko nategereje iminota mike. Kandi rwose icyo gihe… Nakubise akajisho kugira ngo ndebe Billy. Yari asinziriye.

Kandi Yaravuze na none, ati "Ngiye kuguha ikimenyetso gihoraho." Yaravuze, ati "Itegereze iburengerazuba bw'aho uhereyeye."

Nuko nahindukije umutwe gutya, mu modoka y'ikamyoneti, kugira ngo nitegereze (Natwaye buhoro,

murazi)… Kandi, oh, ra ra! Umwuka w'Umwami… Nifuje gutera hejuru n'urusaku kandi ngo mboroge. Naritegereje kandi nabonye gusa umusozi ufite impinga zererana hejuru. Naravuze, nti "Sinzi… sinabona ikimenyetso na kimwe gihoraho muri ibyo."

Naravuze, nti "Izina rya We ryanditswe ahantu hose aho."

Oh! Naribwiye, nti "Ese ni iki? » Kandi numvise ncitse intege cyane kandi natangiye gufata feri.

Nuko Billy yarakangutse kandi yarambwiye, ati « Ni iki ufite ? Narambuye ibiganza bya njye gutya, ibyuya byantembaga ibiganza.

93 Naravuze, nti « Billy, habayeho ikintu runaka. Mu gihe runaka, nzi aho nakoze nabi. Nzi ko nananiwe inshingano za njye ku Mana." Kandi ni nk'aho numvaga iyo ndirimbo iririmbwa kandi ko nabonaga ibihumbi by'abantu b'ubwoko bwose: abacumbagira, abamugaye, impumyi, abanyunyutse ingingo; numvise itsinda ry'abaririmbyi, ijwi ry'icyamamare gikomeye riririmba, riti "Uwanduye! Uwanduye! Umwuka mubi yaramuyoboye. (Muzi iyo ndirimbo.) Hanyuma Yesu araza abohora imbohe.

Nabonye imirongo y'abarwayi itonze hose. Kandi nagombye guhagarara. Billy ntiyari azi ibyabaga, hanyuma nubuye amaso.

94 Narahagaze kandi nubuye amaso nyerekeje ku musozi, kandi nabonye utwo dusozi turindwi . None, mwumve, niba mwifuza gusobanukirwa ikintu runaka. Hari hari udusongero turindwi ku mpinga y'umusozi, umusozi mugari ugenda ukagera kuri za mayilo nyinshi. Umusozi wa nyuma mbere yo kwinjira mu kandi karere, nta yindi misozi inyuma y'uwo ng'uwo. Kandi uragenda ukava iburasirazuba ukagera iburengerazuba, urukurikirane rw'imisozi. Kandi wari utwikiriwe n'urubura rw'amasimbi mu mpinga.

Udusongero duto tubiri tubanza hanyuma agasongero kanini… kandi hanyuma na kandi gasongero gato, hakurikiraho agasongero kanini cyane… kandi hanyuma agasongero gato, kandi hagakurikiraho umusozi muremure kandi munini utwikiriwe n'urubura rw'amasimbi. Maze naravuze, nti "Mwami, sinsobanukiwe icyo ibyo bisobanura."

Yaravuze, ati "Hari udusongero tungahe? »

Naravuze, nti « Hari turindwi. »

Izina rya we rifite inyuguti zingahe ? B-r-a-n-h-a-m, M-a-r-r-i-o-n, B-r-a-n-h-a-m.

95 Aho hari hari udusongero dutatu tugaragara cyane. Yaravuze, ati « Turiya dusengero dutatu ni Ugukururwa kwa mbere, ukwa kabiri n'ukwa gatatu. Ukwa mbere kwari icyiciro cya mbere cy'ubukozi bwa We : agasozi gato ; rero, ugukurura kwa we kwa mbere, ni hejuru cyane bihagije. (Murazi, ikimenyetso mu kiganza.) » Hanyuma, hari intera ntoya hagati, ingana n'igihe nari narigiriye ku ruhande, numva naniwe cyane. Benshi muri mwe murabyibuka. Kandi hanyuma haje ukurondora, ugukurura kwa kabiri. None mfite ikindi, hashize hafi imyaka mike ubu, kubirebana, tuvuge, utwo dusongero duto, murabona, kubera ko ubukozi bwa njye bwari gusa… Nuko rero haje ukwa gatatu.

Gatatu n'umubare wo gusoza, murabona, ukwa gatatu. Agasongero gakurikiraho kari aka gatantu, umubare w'ubuntu. Kandi agasongero gakurikiraho kari aka karindwi, umubare wo gutunganywa, iherezo. « Uzakora iminsi itandatu ; uwa karindwi, ni Isabato, impera y'icyumweru, iherezo ry'igihe. » Murabona? Kandi narahagaze kandi neretse ibyo Billy. Kandi narabyitegereje.

Kandi yaravuze, ati « Ibyo… Ibyo nibikomeze bibeho. Niba haba hariho ugushidikanya mu bitekerezo bya we, ujye wibuka aho hantu ; ugaruke aha. »

96 Hanyuma Billy yankomanze ku rutugu, avuga, ati « Papa, itegereze iburasirazuba. » Kandi ntabwo nzi uburyo ibyo byaje, ariko aho, iburasirazuba bw'umuhanda, hari hari ikirundo cy'ibishingwe cyashyaga. Cyari kuri za mayilo na za mayilo z'umujyi wose, ikiyorero gikuze cy'imyanda cyari kiri aho ku ruhande rw'ibumoso rw'umuhanda.

Ngarutse mu murimo w'ibwirizabutumwa. Amina. Nkuze cyangwa ndi muto, uko byamera kose, nzubaha Imana kugeza aho urupfu rumbohoreye. Nananiwe inshingano za njye ku Mwami, nta shaka… reka nkore,… Naragerageje… Munyemerere nshyiremo ibi. Murabona ? (Haracyari umwanya ku mfatamajwi ? [bande]) Munyemerere nshyiremo ibi : Nifuzaga - nifuzaga kureba Yesu Kristo agaragajwe, nta ne nge n'imwe afite. Kandi bene Data bumva iyi mfatamajwi (bande), ndetse n'iri torero, bibuke uhereye uyu munsi ko impamvu yatumye mutarabonye ibyuho, n'impamvu yatumye iyi myaka yose… Ntimubasha kuvuga ikintu kimwe cyigeze kuvugwa cyangwa gukorwa cyaba kitarabayeho. Ndasaba uwo ariwe wese kunzanira icyo ari cyo cyose mu bintu ibihumbi byabayeho, ku ruhimbi, byaba ukurondora byaba ukumenyesha hakirikare ibyabayeho… ; byabayeho neza neza uko byakabaye. None niba itorero ryizera ibyo, muvuge, muti « Amina,» kugira ngo…?... [Iteraniro riravuga, riti "Amina."- Umwanditsi] Nta muntu mu isi wakwerekana na kimwe. Ariko ibi bimenywe n'iri torero n'itorero rizaza : Niba Imana Isunitse umuntu mu muyoboro runaka kandi uyu ng'uyu ntanyeganyega na hato, kugeza aho Imana ibimubwiriye,

nta kwizera kuba kuri kuri kintu. Ni Imana ibasunika gukora ikintu runaka. Kandi ibyo bishyira ubukozi ku rwego ku buryo nta muntu wabasha kuvuguruza ijambo na rimwe. Ariko, uhereye ubu, munyemerere mbere na mbere mbabwire mu Izina ry'Umwami, mbere y'uko mwumva, kuko ngomba kubijyamo kubwo kwizera. Ngomba kubikora kubwo kwizera, nubwo nakwibaza niba ari iby'ukuri cyangwa atari byo, cyangwa ibyo… Nkora neza uko nshoboye nkurikije amahitamo ya njye kandi hanyuma ndigendera ngakora ibyo. Kubw'ibyo, ibyo ntabwo ari ikosa, kubera ko nategereje ko Abwira ngo njye kubikora. Naramutegereje, ntabwo yari rero njyewe ; Yari We.

97 Ariko, murabona, ndetse na Pawulo Wera ukomeye igihe kimwe yabaga ari mu rudubi rw'ibibazo. None inshuro nyinshi igihe Imana Yakoze ibintu cyangwa ahubwo yahaga uburenganzira abagaragu ba Yo bwo kubikora, byari amakosa, kubwo kugaragaza ibyo bintu. None, tuzi ko ibiremwa muntu bibasha gukora amakosa, ariko Imana ntibasha gukora ikosa na rimwe. Ariko none, niba ngiye mu murimo w'ibwirizabutumwa nk'uko njyewe… mbikora, rero ngomba gutegura amateraniro no gutunganya neza ibintu. Kandi birashoboka ko iki ari igihe gihebuje cyegereje, ari cyo twari dutegereje. Kandi ku buryo bugaragara, niba iki ubwa cyo ari ikintu kigaragara kizatuma habaho, kandi kizatuma iyo nsinzi idasubirwaho mu rukundo rw'Imana igerwaho (kandi inshinga ibanjirije umugereka), rero ni urukundo rw'Imana ruba Imana. Murabona ? Ni ngombwa ko urukundo rw'Imana rwirasa n'imbaraga aho ku rugerero rw'urugamba kandi rugahagarara mu cyuho ku bw'abantu.

98 Kandi abo ba « rickys » na ba « rickettas » bari bavuganye agasuzuguro gakabije n'ibitutsi, kuko nari nabise ba « rickys » na « rickettas, » Imana yanyumvishije ko ntajyaga kugomba gukora ibyo, kubera ko ni … Umubare munini muri bo uko biri kose ni abana ba Yo. Ngomba… Nta cyo babibashaho, kubw'ibyo, bakora ku buryo rwose buhabanye. Amwe muri ayo matorero ya kera yakonje kandi y'amahame yo barimo, mu kuba bafite bafite uwo mwuka kuri bo, bari mu nzu y'imbohe nk'uko Isirayeli yari imeze, ni cyo kimwe n'abo Mose ajya kubatura ubucakara : ibiremwa muntu bikunda Yesu Kristo, byakamukoreye niba gusa bari bazi uburyo bamukorera. Kandi bari mu bucakara, mu kuba bicariwe n'idini ribabwira, riti « Ntimukore ibi, » kandi « Ntimukore biliya. »

99 Ariko umuhamagaro w'Imana ugomba kuza ugira, uti « Uwifuza kugenda agana Ubutaka Bwasezeranijwe, afate inzira agende. » Turi mu rugendo tugana Ubutaka Bwasezeranijwe. Amina… ?... Naze, kandi afate inzira agende. Turi mu rugendo kugira ngo duhure na Kristo ku iherezo ry'Ibihe. Kandi nashatse uko nabazanira ibi kugira ngo murebe, kugira ngo mbereke ko hari amakosa umuntu yabasha gukora kandi ari uwo kwizerwa rwose.

Mose yari yahindutse umuntu utari ugifite icyo yitayeho kubirebana n'ubwoko bwe kubera ko abantu ntibifuzaga kumwumva. Kandi, mwene Data Roy, musobanukiwe inzozi za nyu ? Kandi ubu, simbasha gukomeza n'ubukozi nk'ubwo, kugeza aho nzumvara ikintu runaka cy'ikinyuranyo mu mutima wa njye kuri ibyo. Uko byaba biri kose niba Imana yarabimbwiye mu by'ukuri. Ariko igihindura ibyo, mwene Data Roy, ni ikiza. Ikintu runaka kigomba kumpindura, kubera ko njyewe… mu mutima wa njye, niba ngiye aho, n'amarangamutima mfite ubu… Numva igihe cyose ko abantu bakabaye bagombye kumva ubu Butumwa, bakakabaye bagombye gukora… Ariko sinkigira na mba urukundo nakagombye kugirira abantu. Kandi usibye ko nagira urwo rukundo, nta cyo byamarira kujya yo, kuko naba mbaye indyarya.

100 Kandi mu gihe cy'iyo myaka yose, nagerageje kuyikorera n'umutima mwiza wo kwizerwa, kandi sinifuzaga kujyayo mu buryarya. Ngomba kumva mfite ibyo mu mutima, ko batari ba « rickys » na ba « rickettas » kandi ko atari iyi mfatamajwi « bande .» Ni abana b'Imana bari mu bucakara, kandi ngomba kujya kuri bo. Kandi kugeza aho mbasha kumva mfite ibyo mu mutima, nzagomba kugenda buhoro, mbwiriza mu biterane bimwe na bimwe n'ibindi byose, ariko ntegereje.

101 Mfite indirimbo ntoya. Simbasha kuririmba. Nifuzaga rwose kuyibabwira. (Bene Data, ibyo byongera guca mu yandi magambo inzira.) Simbasha kuyisoma ku buryo bukwiriye. Nta bwo yanditse neza. Sinzi rwose niba ari byo cyangwa atari byo nabasha kuyisoma. Ni umwuka umwe n'uwo « Indirimbo y'Urugamba ya Repubulika. » Icyubahiro ! Icyubahiro, Haleluya ! (Mwigeze muyumva.) Icyubahiro! Icyubahiro, Haleluya ! (Ni bangahe…mu bigaragara twese twigeze kuyumva. )

Umubwirizabutumwa uhora agenda,

Ku ifarashi igihugu cyose,

Imbunda ku rutugu rwe na Bibiliya mu kiganza cye,

Yabwiraga abantu icyanya cy'igihugu cy'umugisha cyasezeranijwe,

Uko yagendaga ku ifarashi aririmba.

Kwibera, kwibera,

Kwibera, ku maboko ahoraho.

Kwibera, kwibera,

Kwibera ku maboko ahoraho.

Yabwirizaga ukuza k'urubanza rw'umuriro n'amazuka

N'Ijuru ry'ikuzo rihoraho ryagenewe abatsindishirijwe.

Uko yagendaga ku ifarashi anyura mu misozi, wamwumvaga aririmba iyi ndirimbo, uko yagendaga ku ifarashi.

Hari imbaraga, imbaraga, imbaraga ikora ibirangaza ;

mu maraso y Umwana w'Intama.

Hari imbaraga, imbaraga,oh, imbaraga ikora ibitangaza

Mu maraso y'agaciro gakomeye y'Umwana w'Intama.

102 Umubwirizabutumwa ukuze uhora ugenda, murabyibuka. Murabona ? None imbunda ye irakuze kandi yateye umugese, kandi imanitse ku rukuta ; Bibiliya ye irashaje burundu kandi yuzuyeho umukungugu, kandi birasa n'aho ntawuyikoraho; (Ni iby'ukuri.) Ubutumwa Ibyo biduha tuzahura na bwo uwo munsi. Kuko Ukuri ku Imana igihe cyose kurakora. (Twese.)

Icyubahiro ! Icyubahiro, haleluya !

Icyubahiro! Icyubahiro, haleluya !

Icyubahiro ! Icyubahiro, haleluya !

Ukuri kwe kurakora.

103 Ngiye kwiga ibyo. Nari mpagaze muri iki gitondo igihe nandikaga ibyo, nashyize ikiganza cya njye ku mbunda ya njye ikuze imanitse ku rukuta. Nziko bitazatinda. Imbunda ye irakuze kandi yatoye umugese, kandi imanitse ku rukuta (Ni iby'ukuri.) ; kandi Bibiliya yarashaje kandi yuzuyeho umukungugu, kandi birasa n'aho ntawuykoraho. Ariko Ubutumwa bwe buturuka muri iyo Bibiliya… umunsi umwe mu rubanza ; kandi ukuri kwa Yo gukomeje kujya mbere.

Ukuri kw'Imana, ni Bibiliya. Ni byo, Yesu kristo uko yari ari eje, uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora ari iteka ryose.

104 Umubwirizabutumwa ukuze uhora ugenda, n'imbunda ye mu mugongo, Bibiliya ye mu kiganza, yagenze ku ifarashi unyura mu bikingi by'inzuri, ku misozi, iyo mu bikombe n'ahantu hose, abwiriza ukuza k'ubwami bw'imyaka igihumbi, ukuza k'umuriro w'urubanza ku batiringirwa, kandi abwiriza Ubwami bw'Imana ku bakiranutsi. Ni iby'ukuri. Winchester ikuze yateye umugese. Kandi mu mwanya wa Bibiliya, bo bafite igitabo cy'amashusho y'urukozasoni. Ariko Ukuri kw'Imana igihe cyose kurakora. Iba rwose na none iy'Ukuri uyu munsi, nk'uko Ibigaragaza, ko ari ko Yahoze igihe cyose. Ukuri kw'Imana igihe cyose kurakora.

Icyubahiro ! Icyubahiro, haleluya!

Icyubahiro ! Icyubahiro, haleluya!

Icyubahiro ! Icyubahiro, haleluya !

Ukuri Kwe kurakora.

105 Kubera iki ? Umuntu azafata Ibyo, kuko Yesu Kristo uko yari ari ejo ni ko ari uyu munsi kandi ni ko azahora iteka ryose. Turirimbe ibyo indi nshuro. None, aha turavanze : Abametodisite, Ababatisita, Abaluteriyani n'abandi bose. Mugihe turirimba iyo nyikirizo ya nyuma, dufatane ikiganza n'umuntu uri iruhande rwacu, kandi hanyuma baze badusezerere.

Kandi none, mubyibuke, mwebwe abagomba kujya mu matorero ya nyu, mujyeyo kuri uyu mugoroba. Munsuhurize umushumba wa nyu. Kandi - maze rero munsengere, buri wese muri mwe. Kandi na none, ikindi gihe, nifuzaga kubibutsa ko niba mutazi aho kujya… (kandi niba mufite icyo ari cyo cyose…) Kuri uyu mugoroba, nyuma y'Ubutumwa bwa mwene Data Neville, nyuma y'uko ari bube amaze gutanga ubutumwa bwe, nifuzaga rero gukora imfatamajwi (bande) ifite umutwe ugira, uti “Ikimenyetso gitukura cyo kuza kwe;” murabona, kuri uyu mugoroba. Imana Ibahe umugisha rero. Kandi icyumweru gitaha, ngiye… Kucyumweru gitaha, Umwami nabishaka, mbasha kuzongera kuba ndi aho kugira ngo nkore indi mfatamajwi (bande), kuko ngomba kuba ndi muri Arkansas icyumweru gitaha.

106 Ni byiza cyane, none, turirimbe indi nshuro kandi dufatane ikiganza noneho.

Icyubahiro! Icyubahiro, haleluya!

Icyubahiro! Icyubahiro…

(Mwami Yesu, uhe umugisha ibi bitambaro)

Icyubahiro kibe icy'Imana. None, twunamishe umutwe rwose akanya gato.

107 Mwene Data Ruddell na we n'umwe muri bene Data dufatanya, aha, umwe mu bagize ihuriro rito ry'amatorero dufite. Ni ikintu kidaheza amatorero yandi. Kandi numvise bavuga igihagararo cy'ubutwari mwene Data Ruddell yafashe kubw'Ubutumwa bwiza. Kubw'ibyo, njyewe - ndavuga ibi, Mwene Data Ruddell, ko buri kintu inzira yose… Imana ntiyasezeranije uburiri budaraje bw'umunezero, ahubwo yasezeranije urugamba. Ni byo, kandi yasezeranije insinzi. Ni ibyo.

Ndibuka ko igihe nari nafashe igihagararo mu gutangira, ndetse mama wa njye bwite na papa wa njye bwite bifuzaga kunyirukana mu rugo. Murabona? Ariko, oh, rara! Nababatije mu Izina ry'Umwami Yesu. Ibyiringiro bimwe mfite uyu munsi, ni ku bwo gufata icyemezo. Nejejwe cyane n'uko ubutumwa bwa Bibiliya bw'umubwirizabutumwa ukuze uhora agenda, kugeza kuri uwo munsi… Nubwo abantu bigabije ibyo, kandi bakaba barabikuyeho, bakaba barakoze amadini, uko kuri kurakora igihe cyose. Ni iby'ukuri. Igihe cyose kurakora.

108 Imana ihe umugisha buri wese muri mwe, kandi twizeye kongera kubabona vuba aha bidatinze. Kugeza ubu, murifuza kungirira ubwo buntu noneho, icyarimwe mwebwe bene Data bari aha na mwe na none abumva mfatamajwi (bandes)? Musenge kugira ngo Imana ishyire mu mutima wa njye icyo kintu natakaje aho, igihe nagize uko kwivumbura. Ni ibyoroshye cyane kwivumbura. Undi munsi, nagiranye ikiganiro na mwene Data Way wicaye aha, wicaye aha imbere yacu. Umugabo w'umunyamurava, ariko yarivumbuye, ubundi bwoko bwo kwivumbura. Nakoze cyo kimwe. Mwene Data Way, ubasha gukora ibyo ku buryo bworoshye cyane. Ni… uba ufite ikintu gito runaka mu bitekerezo, ugakomeza kugitekerezaho utyo… mugataha musuzuma ibyo mukoresheje Ibyanditswe kandi mureba niba ari iby'ukuri cyangwa atari byo, hanyuma, mukikomereza imbere. Ni byo. Ntimugahinduke abant badafite icyo bitaye ku bantu. Murabona? Mugomba kwibuka ko badakozwe n'ibisigazwa by'ibarizo; bakozwe mu mubiri n'amaraso, ni ibiremwa muntu bifite ubugingo. Munsengere, mwebwe mwese, ndabinginze. Imana Ibahe umugisha noneho.

109 Tugiye kunamisha umutwe no gusaba mwene Data Ruddell ngo rwose abashe… [Umuntu avugira mu iteraniro. - Umwanditsi.] Ndemeranya na we, mwene Data. [Umuntu atekerereza inzozi mwene Data Branham. - Umwanditsi] Icyubahiro kibe icy'Imana! Ni Umukozi w'Imana. Birashoboka ko umuntu yaba atamuzi. Kandi yari umwe mu itsinda (sinabonye igihe muri iki gitondo.) wari uri muri zimwe muri za nzozi; zavugaga kuri njye zivuga ko nari ngiye mu kindi cyerekezo, murabona, nari ngiye iburengerazuba, nari ngiye iburengerazuba muri iyo saha ya nyuma: mwene Data J.T.Pornell.

110 None, birashoboka ko haba hari abashyitsi bibaza ibibazo ku bantu barota, abarota. Oya, ntidushingiye kuri buri bwoko bwose bw'inzozi. Ariko twizera ko Bibiliya ivuga, iti "Kandi bizabaho ko mu minsi ya nyuma, nzasuka Umwuka wa Njye ku bantu; kandi bazahanura, bazagira amayerekwa ndetse bazagira inzozi." Kandi igihe cyose ibyo biri muri Bibiliya, ni inshingano ya njye yo kwizera ibyo no kubibwiriza. Kandi igihe abantu bavuga inzozi, niba Umwami adatanze insobanuro ya zo, turazihorera. Kandi niba ari ikintu runaka… Igihe umuntu avuze mu ndimi, ibyo bigomba kuba ikintu runaka ku itorero kandi ibyo bigomba na none gusohora. Niba ibyo bidasohoye, ibyo bigomba kuba ari umwuka mubi. Ni ngombwa ko ibyo bisohora, kuko insobanuro z'indimi ni ubuhanuzi. Tuzi ko ari ukuri. Kubw'ibyo tugerageza aha kubaho Bibiliya uko Yigishijwe ; ntacyo tuyikuyeho, nta cyo tuyongeyeho, ahubwo tukayibaho uko Iri. Umwami ahimbazwe ! Ibyo biramfasha, Mwene Data J.T, kwizera ko… Imana itambwiye kujya noneho kugirana ubwumvikane n'icyaha, ahubwo kugenda gusa no gukomeza rwose gukora ibintu.

111 Dusenge noneho, Mwene Data… [Umugore atera hejuru n'urusaku mu iteraniro. - Umwanditsi.] Umuntu yaguye igihumure. Akanya gato. Mugume mutuje noneho.

Data wo mu Ijuru, imbabazi sa We…?... muri mwene Data Way…?... mu Izina rya Yesu Kristo…?... bibeho. Umugarure, Mwami, Umuhe imbaraga…?...

Kubw'ibyo, Umfashe, umutima we utangiye kongera gutera…?... Mwami Yesu, kugira neza kwa We n'Imbabazi za We bibe…?... Birarangiye. Nk'uko mpagaze kuri iki gicaniro aho ibibwirizwa bijyanye no gushyingurwa byabwirijwe, aha hantu mpagaze, aho nazengeye amajana y'abantu kugeza aho Kristo asubirije… Ndamanutse. Amaso ye yari yamuvuyemo adahumbya; agatsi gatera kari kagiye. Kandi nta cyo nakoze kirenzeho usibye gutabaza Izina rya Yesu Kristo, kandi agatsi ke kongeye gutera. Si byiza bihebuje? Ikibazo cy'impinduka cy'umutima… Murabona? Ndashima cyane ko ibyo bibaho ubu rwose, aho kuba byazabaho nyuma yo kugenda kwacu. Murabona ubuntu bw'Imana? Umwami ahimbazwe! Twunamishe rwose umutwe.

112 Data uri mu Ijuru , turagushimira ubu kubwo kugira neza kwa We n'Imbabazi. Uhora igihe cyose uri

hagati muri twe. Oh! Mwami, Umpe amavuta mu itabaza rya njye. Umpe Inkoni y'Umwami, kugira ngo nyirambure ku barwayi n'imbabare, kugira ngo nyijyane kuri… kubwo kuzana ukubohorwa ku bagowe, n'urubanza kuri abo batera utwatsi ibyo. Utange ibyo, Data. Turagushima kubwo kugira neza kwa We kose, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Frere Ruddell, Imana Ibahe umugisha, mwene Data.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7